# Imvaho Nshya

*Soma Usobanukirwe Buri Munsi*

NO .E-37 | TARIKI 28 UKWAKIRA - 3 UGUSHYINGO 2025 | RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA | TEL: +250 785 474 045 | E-mail: info@rpc.rw





AMAKURU


Ubufatanye bw'Abayobozi n'abaturage ni umusingi w'iterambere- Perezida Kagame



2

AMAKURU

RDC yemera ko FDLR iriho ubundi ikivuguruza- Amb Ndahungurihe



8

AMAKURU

U Rwanda na Yorodaniya mu kwagura ubufatanye mu bucuruzi



13

MUNTARA

Urubanza rwinjiye mbere ruba rugomba kuburanishwa mbere –Mukantaganzwa



14


# Ishimwe ry'Abanyafurika baje kuminuriza mu Rwanda



Abaari Ilior Aichetu, umunyeshuri ukomoka muri Niger

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Ku biga amashuri yabo yose mu Rwanda, kuva ku y'inshuke ukageza ku ya Kaminuza, biragoye kubona inyungu nyinshi zibuturukamo nk'umunyamahanga uza aturutse mu bindi bihugu aho atahakura amasomo yo mu ishuri gusa ahubwo atahana n'ubumuntu.***

Bamwe mu banyeshuri b'abanyamahanga baje kurahura ubumenyi bakaba basoza amasomo aho bitegura gusubirana ubumenyi mu bihugu byabo, bagaragaza ko bungutse byinshi birimo kuba amasomo bize agezweho mu ruhando mpuzamahanga ndetse bakaba banatahanye indangagaciro zishingiye ku muco nyarwanda.

Imvaho Nshya yaganiriye na bamwe mu banyamahanga bari mu 1 479 cy'abanyeshuri basoje amasomo mu cyiciro cya 17, bakaba bashyikirijwe impamyabumenyi zabo ku wa Gatanu tariki ya 31 Ukwakira 2025.


KOMEZA KU RUP.3


# Abatoroka FDLR baza nta shusho nyakuri y'u Rwanda bafite

**KAMLIZA Agnes**

***Minisiteri y'Ubumwe bw'Abanyarwanda n'Inshingano Mboneragihugu, (MINUBUMWE) yagaragaje ko abigobotora umutwe w'iterabwoba wa FDLR batahuka bafite indi shusho y'u Rwanda itandukanye n'iy'ubumwe b'ubudaheranwa bw'Abanyarwanda yubatswe mu myaka 31 ishize.***

MINUBUMWE ivuga ko abatahuka biganjemo urubyiruko baba bagifite ishusho yo mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 na mbere yayo, igaragaza Igihugu cy'umwijima, amacakubiri n'ivanguramoko.

Mu kiganiro na RBA kuri uyu wa 02 Ugushyingo 2025, Umuyobozi Mukuru Ushinzwe Ubumwe n'Ubudaheranwa muri MINUBUMWE, Hon. Kayumba Uwera Marie Alice yagaragaje ko urwo rubyiruko ari urwo kwibandaho ngo rugaragarizwe amateka n'ishusho nyayo y'u Rwanda.


KOMEZA KU RUP.3

# Ubufatanye bw'Abayobozi n'abaturage ni umusingi w'iterambere




**Perezida Paul Kagame yavuze ko iyo abayobozi bahaye abaturage ibyo babitezeho bakabikora bafatanyije byongera icyizere n'iterambere**

**ZIGAMA Theoneste**

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame yavuze ko iyo abayobozi bahaye abaturage ibyo babitezeho bakabikora bafatanyije, banashingiye ku mateka yabo byongera icyizere n'iterambere, ashimangira ko ari byo u Rwanda rwimitse.***

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki ya 28 Ukwakira 2025, mu kiganiro yahaye abitabiriye Inama Mpuzamahanga yiga ku Ishoramari ry'Ahazaza n'iterambere yiswe 'Future Investment Initiative (FII9)' i Riyadh muri Arabie Soudite.

Ni ikiganiro cyo ku rwego rwo hejuru Umukuru w'Igihugu yahuriyemo na Perezida Mohamed Irfaan Ali wa Guyana, Perezida Gustavo Petro wa Colombia, Minisitiri w'Intebe Edi Rama wa Albania, Minisitiri w'Intebe Muhammad Shahbaz Sharif wa Pakistan, Ray Dalio washinze Bridgewater Associates, na Gianni Infantino, Perezida w'Ishyirahamwe ry'Umupira w'Amaguru ku Isi (FIFA).

Baganiriye ku nsanganyamatsiko igira iti: "Ese abantu bari mu cyerekezo gikwiye?", cyayobowe na Richard Attias, Perezida w'Inama y'Ubutegetsi akaba n'Umuyobozi Mukuru w'agateganyo w'Ikigo Future Investment Initiative Institute gitegura iyo nama.

Bibanze cyane ku cyerekezo Isi ifite mu iterambere no mu gusangira imibereho myiza.

Perezida Kagame abajijwe icyakorwa kugira ngo habeho icyizere hagati y'abaturage n'abayobozi, yasubije ko abayobozi bakwiye kubanza kureba icyo abaturage bakeneye bashingiye ku mateka yabo akaba ari cyo babakorera.

Ati: "Nk'umuyobozi uba uzi icyo abaturage bashaka, ibyo bakwitezeho, ugomba gukora ibishoboka byose ukabibaha ushingiye ku byo bakwitezeho."

Yakomeje avuga kandi ko ibyo bitashoboka mu gihe ibyo umuyobozi akora atabihuje n'amateka abaturage banyuzemo.

Ati: "Ibyo bigomba kugendana, icyizere kiraza iyo uyoboye ushingiye ku mateka y'abaturage."

Yavuze ko u Rwanda ari yo nzira rwahisemo rushingiye ku miterere n'amateka byarwo.

Ati: "Turi agahugu gato, ariko ntabwo turi abaturage batekereza biciriritse. Imyumvire yacu igomba kureshya n'iyabo twita ko bafite ibihugu binini."

Perezida Kagame yavuze ko ibyo byafashije Abanyarwanda kumenya aho bava n'aho berekeza, ariko badaheranwe n'amateka.

Ati: "Ibyo byadufashije kumenya ibyo tunyuramo, aho bituruka no kumenya kwanga guheranwa n'amateka, ubu twagize icyekerezo cy'iterambere. Twarizeranye ubwacu, duhitamo gukorana n'inshuti zacu, tubona ko bigira uruhare mu kwihutisha iterambere."

Umukuru w'Igihugu yongeyе gushimangira ko nta muntu ushobora kuva hanze y'Igihugu ngo aze gukemura ibibazo abaturage bacyo bafite kurusha bo ubwabo babyikemurira.

Ati: "Iyo ni yo miterereze tukomeza kwigisha, kandi twigiye ku mateka mabi twanyuzemo, bitwigisha ko dufatanyije nta kintu tutageraho."

Perezida Kagame yashimangiye ko ubwo buryo bwateje imbere u Rwanda bwakoreshwa n'ahandi kandi bugatuma batera imbere.

Perezida Mohamed Irfaan Ali wa Guyana na we yashimangiye ko yemeranya na Perezida Kagame ko kugira ngo ubucuruzi, ishoramari n'ibindi bishoboke abantu bakwiye gushyigikirana, aho ibitekerezo bya bamwe bigarukira abandi bakamufasha kubyagura hagamijwe iterambere.

Iyi nama izamara iminsi itatu yatangiye tariki ya 27 kugeza tariki ya 29 Ukwakira 2025, igamije gutanga urubuga rwo kuganira no gutekereza ku buryo bwo gushyiraho inzira yo gushaka ibisubizo byugarije ejo hazaza h'ishoramari n'imiyoborere y'Isi.

Ikigo FII Institute kiyitegura cyatangijwe mu mwaka wa 2017, ikaba nk'inama ngarukamwaka ihuza abafite inyota yo gushora imari mu bisubizo birambye ku bibazo by'ishoramari Isi ihanganye na byo.

# U Rwanda na Pakistan biyemeje ubufatanye mu guteza imbere ubumenyi n'ikoranabuhanga

**KAMALIZA Agnes**

***U Rwanda na Pakistan byiyemeje gukomeza ubufatanye bugamije gushyigikira no guteza imbere ubumenyi mu burezi n'ikoranabuhanga hagamijwe guteza imbere urubyiruko no kurwanya ubushomeri.***

Ibyo byashimangiwe nyuma y'uruzinduko Ambasaderi w'u Rwanda muri icyo gihugu, Harerimana Fatou yagiriye ku kigo cy'ikoranabuhanga; 'Hazza Institute of Technology, (HIT) kiri i Islamabad ku wa 27 Ukwakira, aho yakiriwe n'umuyobozi wacyo Azhar Ikbal Sindhu, bakaganira ku kwimakaza ubufatanye.



**U Rwanda na Pakistan byiyemeje gukomeza ubufatanye bushyigikira bukanateza imbere ubumenyi mu burezi n'ikoranabuhanga**

Ibiganiro byabo byibanze ku gusuzuma amahirwe mashya mu bufatanye mu mashuri y'imyuga n'ubumenyingiro (TVET) no guteza imbere ikoranabuhanga hagamijwe gushyigikira urubyiruko no kurwanya ubushomeri binyuze mu guhana amahugurwa ashingiye ku bumenyi bukenewe ku isoko ry'umurimo.

Impande zombi zagaragaje ko gusangira ubumenyi n'imikoranire ari ryo shingiro ry'iterambere ry'igihe kizaza.

Ambasaderi Harerimana yashimangiye ko u Rwanda rwiyemeje kurushaho gukomeza ubufatanye na Pakistan mu bijyanye n'uburezi n'ubukungu, cyane cyane mu rwego rwo guteza imbere ubumenyi ngiro, udushya n'ikoranabuhanga, mu rwego rwo kubaka abakozi bafite ubumenyi buzahangana n'ibihe biri imbere.

Yashimangiye ko u Rwanda na Pakistan bihuriye ku cyerekezo cyo guteza imbere ubukungu bushingiye ku burezi no gushimangira umubano w'abantu ku giti cyabo hagati y'ibihugu byombi.

Azhar Ikbal Sindhu yagaragaje ko amasomo atangirwa muri icyo kigo mu by'ikoranabuhanga n'ubumenyi ngiro ari ayo ku rwego mpuzamahanga kandi agamije gutuma abanyeshuri babona ubumenyi n'ubushobozi bibafasha kurushanwa ku isoko y'umurimo haba mu gihugu no hanze.





# Ishimwe ry'Abanyafurika baje kuminuriza mu Rwanda

IBIKURIKIRA URUP.1

Bahamije ko gusangira n'Abanyarwanda indangagaciro n'umuco by'u Rwanda byababafashije kumva agaciro k'ubwubahane n'ubufatanye.

Abari Ilior Aichetu ukomoka muri Niger, agira ati: "Mu Rwanda nabonye ari igihugu cyuje indangagaciro. Abanyarwanda bakunda gufashanya, kubaha abandi no gukora cyane. Twabanye neza n'abanyeshuri b'Abanyarwanda, bigatuma natwe twumva turi mu rugo. Ubu ndatahukana ubumenyi ariko nanone mfite n'indangagaciro nshya, Abanyarwanda nasanze ari abantu b'abanyamahoro, aho uburenganzira bwa muntu bwubahwa."

Mugenzi we ukomoka muri Sudani y'Epfo na we yavuze ko yigiye byinshi ku muco nyarwanda byiyongera ku bumenyi yungukiye muri INES Ruhengeri.

Kimwe mu byo yigiye mu Rwanda ni ukwirinda kurira mu nzira no kujugunya imyanda aho abonye hose, kunywa itabi mu ruhame n'ibindi.

Yagize ati: "Nkigera ino najyaga ndira mu nzira nk'umuneke, ikigori se, nkanywera itabi aho mbonye hose ariko naje gutangazwa nuko nta munyarwanda unywera itabi mu nzira, nasanze mu Rwanda ibiyobyabwenge ari icyaha, nari nzi ko umuntu wese unyendereje dukwiye kurwana, mu Rwanda ibi byose ntibihaba nishimiye umuco nyarwanda."

Yakomeje ashima uburyo Abanyarwanda bita ku babagana, imbyino zabo, uburyo umuco w'isuku uhera ku mwana kugeza ku muntu mukuru n'ibindi bishimangira ko Igihugu gifite umurongo.

Ati: "Sinkuye mu Rwanda ubumenyi gusa ahubwo mpakuye indangagaciro z'umwenegihugu ibi bizamfasha mu buzima bwanjye. Ubu mvuye mu Rwanda nsezereye kunywa itabi n'ibindi byangiza ubuzima n'umuco. Ni ibintu nigiye ku Banyarwanda."

Abanyeshuri bo mu Rwanda biganye n'abo banyamahanga na bo bavuga ko babungukiyeho ibitekerezo no kumenya imico itandukanye ibafasha kumenya uko Isi n'uburyo bwo kubana neza n'abo mudahuje imico, imyumvire n'imyemerere.



**Abakobwa bo muri Sudani y'Epfo bagaragaje umuco wabo**

Mahoro Ester, umwe muri bo, ati: "Iyo wigana n'abanyeshuri baturutse mu bindi bihugu, wiga byinshi bitari mu bitabo. Ikindi nabonye ni uko buri gihugu gikomeye ku muco wacyo bigiteza imbere kandi bikagihesha agaciro, gusa nasanze nanone nubwo twubaha umuco w'ahandi nk'Abanyarwanda dukwiye gushungura."

Ndikubwimana Theoneste, Umukozi w'Inama y'Igihugu y'Amashuri Makuru na Kaminuza (HEC/ Higher Education Council) ushinzwe ireme ry'uburezi mu Mashuri Makuru, ashimangira ko amashuri makuru na kaminuza bitagomba gutanga gusa ubumenyi mu by'amasomo, ahubwo bigomba no gutoza abanyeshuri indangagaciro zibabera umusingi w'ubuzima bwabo.

Yagize ati: "Ubumenyi butajyanye n'indangagaciro ntibwubaka igihugu. Ni yo mpamvu dushyigikira gahunda zihuza abanyeshuri b'Abanyarwanda n'abanyamahanga, kuko gusangira umuco bituma abantu bumva neza Isi batuye, bigateza imbere amahoro n'ubufatanye mu iterambere."

Umuyobozi w'ishuri rikuru rya INES Ruhengeri Padiri Dr. Baribeshya Jean Bosco, yavuze ko kwigisha ubumenyi butajyanye n'indangagaciro ari nko kubaka inzu idafite umusingi.

Mu butumwa bwe, yagize ati: "INES ishyira imbere ubumenyi ngiro bugamije iterambere rirambye, ariko tugashyira imbaraga no mu gutoza abanyeshuri kubaha umuco, guhanga udushya no kubana neza n'abandi. Ibyo ni byo bituma umunyeshuri urangije hano aba umuntu wuzuye, ushobora kwihangira umurimo no gufasha abandi."

Mu birori byo gutanga impamyabumenyi ku nshuro ya 17 muri INES Ruhengeri, hagaragajwe uburyo ibikorwa bitandukanye bishingiye ku muco n'amateka bigira uruhare mu iterambere ry'Igihugu.

# Abatoroka FDLR baza nta shusho nyakuri y'u Rwanda bafite

IBIKURIKIRA URUP.1

Hon. Kayumba yagaragaje ko urubyiruko rwavuye muri DRC mu mitwe yitwaje intwaro abenshi bavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, bagifite isura mbi y'u Rwanda rwo muri iyo myaka kandi mu myaka 31 harahindutse ibintu byinshi.

Ati: "Urubyiruko rwavuye muri DRC mu mitwe yitwaje intwaro, abenshi ni bato bavutse nyuma ya Jenoside yakorewe Abatutsi, urumva ibyo ababyeyi bababwira ni byo bakuriyemo ni byo babonye; u Rwanda bababwira si rwo ruhari basize mu 1994, kandi rwahindutsemo ibintu byinshi cyane."



**Abigobotora umutwe w'iterabwoba wa FDLR batahuka bafite indi shusho y'u Rwanda**

Akomeza avuga ko mu gihe hitegurwa Ihuriro Ngarukamwaka rya 18 rya Unity Club Intwararumuri, abari barafashwe bugwate na FDLR ari abo kwibandwaho mu guhabwa ibiganiro by'amateka nyayo y' u Rwanda, ibiganiro by'ubumwe na Ndi Umunyarwanda, no kuberaka aho Igihugu kigeze cyiyubaka n'icyerekezo gifite.

Ati: "Mu minsi yatambutse twagiranye ibiganiro, kandi biracyakomeza, n'urubyiruko cyane urutuye ku mupaka w'u Rwanda na DRC harimo n'abavuye muri DRC mu mitwe yitwaje intwaro, kubabwira ubumwe ntabwo bahita babyumva amateka babwiriwe hariya agoretse ni yo bazi. Aho rero ni aho gushyirwa imbaraga."

Hon. Kayumba yongeyeho ko impamvu hakwiye gushyirwa imbaraga mu biganiro bahabwa ari uko bene abo bashobora gushukika byihuse bigatuma bivutsa amahirwe yo kuba mu gihugu bagasubira mu mashyamba.

Yongeyeho ko ku bufatanye na Minisiteri Ishinzwe Ibikorwa by'Ubutabazi, (MINEMA) mu minsi iri imbere hari ibiganiro n'abaherutse gutahuka ku wa 30 Ukwakira 2025 bavuye muri DRC.

Iyo tariki ni bwo u Rwanda rwakiriye abandi Banyarwanda 326 bari mu miryango 98 batahutse bava mu mashyamba ya DRC.

MINEMA ivuga ko kuva muri Mutarama 2025, abagera ku 4 945 ari bo bamaze gutaha bavuye mu Burasirazuba bwa Congo, mu gihe guhera mu 2021, abarenga ibihumbi 12 ari bo batashye.

# U Rwanda rwaje imbere mu bihugu by'Afurika byihuta mu bukungu



U Rwanda rukomeje gutera imbere mu bukungu

ZIGAMA Theoneste

***Icyigeranyo cy'Isoko ry'Imari rya Afurika cya Absa (Absa Africa Financial Markets Index / AFMI) cyashyize u Rwanda ku myanya y'imbere mu bihugu byagize urwego rw'ubukungu rutera imbere kurusha ibindi muri Afurika mu 2025.***

Ubwo bushakashatsi bwakorewe mu bihugu 29 bwerekanye ko amanota y'u Rwanda yazamutse akava kuri 46 akagera kuri 54%, bigaragaza impinduka u Rwanda rwashyizeho mu rwego rw'ikoranabuhanga mu by'imari (fintech), mu isoko ry'ivunjisha ndetse no mu iterambere ry'isoko ry'imari n'imigabane.

Icyigereranyo cya AFMI gishingiye ku isesengura ry'uburyo urwego rw'imari rutera imbere mu bihugu, hashingiwe ku nkingi esheshatu, zirimo kwagura amasoko, uko abantu bagera byoroshye ku isoko ry'ivunjisha, kwizerwa ku masoko no kugira amategeko ahamye abigenga, ikigega cyagenewe ubwishingizi ku mari hagamijwe iterambere, ubukungu burengera ibidukikije muri rusange ndetse n'ibyemezo n'amategeko ashyirwaho agenga isoko.

Iki cyigereranyo cyakozwe ku nshuro ya cyenda, gisuzuma iterambere ry'ibihugu mu by'imari kandi kigaragaza amahirwe abafata ibyemezo bafite yo gukomeza kunoza sisitemu z'imari.

Absa ivuga ko Urwego rushinzwe Amasoko y'Imari n'Imigabane mu Rwanda (CMA) rwayoboye ishyirwa mu bikorwa ry'ingamba z'igihugu zo guteza imbere ubukungu hisunzwe ikoranabuhanga (Fintech), bigaragaza ko ari ingamba zihamye kandi zitagira uwo ziheza mu ikoranabuhanga rijyanye n'imari.

Guverinoma kandi yashyizeho Fintech Regulatory Sandbox, ahantu hagenzurirwa kandi hakagezwa ibicuruzwa na serivisi z'imari, hagamijwe gushyigikira guhanga ibishya mu masoko y'imari n'imigabane.

Absa ivuga ko izi ngamba u Rwanda rwafashe zatejwe imbere mu kugeza ku isoko ibicuruzwa bitandukanye, kongera amasoko, no gukomeza kwizerwa n'abashoramari.

Umuyobozi Mukuru wa CMA Thapelo Tsheole, yagize ati: "U Rwanda rukomeje kuzamuka mu manota ya Absa AFMI, rwavuye ku mwanya wa 18 rugera ku wa 12 mu myaka ibiri gusa. Ibyo bigaragazwa n'ingamba zihamye zafashwe mu kubuka urwego rw'imari kugira ngo rukore neza".

Tsheole yashimangiye ko imikoranire ya CMA na Banki Nkuru y'u Rwanda (BNR), yashyizweho hagamije guteza imbere isoko ry'imari n'imigabane.

Ati: "Urebye ingamba ziriho, zirimo gukoresha ikoranabuhanga mu by'imari (Fintech) no gushyiraho amategeko ahamye, tubyitezeho amanota meza, mu byegeranyo bizakorwa mu gihe kiri imbere kandi bigaragara ko biteza imbere Igihugu."

U Rwanda rwihaye intego yo kungera imikoreshereze y'ikoranabuhanga muri serivisi z'imari bikagira uruhare rwa 4% ku musaruro mbumbe w'Igihugu mu 2029, bivuye kuri 1% byariho mu 2024.

Igihugu giteganya gushyiraho kandi ifaranga koranabuhanga ryemewe na Banki Nkuru (CBDC), guteza imbere inguzanyo zishingiye ku makuru y'ubushakashatsi (data-driven lending), ndetse no gushyiraho amategeko y'imari afunguye (open finance laws) yemerera za banki n'abatanga serivisi z'imari bakoresheje telefoni ngendanwa, gusangira amakuru y'abakiliya mu buryo bwizewe.

Byitezwe kandi ko hazahangwa imirimo 7 500 mu by'ikoranabuhanga muri serivisi z'imari (fintech) aho hazakomeza gushyirwa imbaraga mu guhanga udushya mu bigo by'ubucuruzi bukorerwa ku ikoranabuhanga.

# Perezida Kagame yakomoje ku bucuruzi mpuzamahanga mu bihugu biri mu nzira y'iterambere

KAYITARE Jean Paul

***Perezida wa Repubulika Paul Kagame witabiriye inama mpuzamahanga ya cyenda yiga ku ishoramari, yerekanye akamaro ko gusubiza ku murongo imikorere y'ubucuruzi mpuzamahanga.***

Agaragaza ko hakenewe uburyo burimo ubufatanye n'ubwisanzure bushobora gufungura inzira y'iterambere rirambye kandi riringaniye ku bihugu biri mu nzira y'amajyambere.

Yabigarutseho ku wa Kabiri tariki 28 Ukwakira 2025, mu nama yahuriyemo n'abandi Bakuru b'Ibihugu.

Ni inama irimo kubera i Riyadh muri Arabie Saudite, ifite insanganyamatsiko igira iti 'Ni ikihe kiguzi nyacyo cy'ubukungu butekanye?'

Perezida Kagame yashimangiye akamaro ko gusubiramo uburyo ubucuruzi mpuzamahanga bukorwa, yibanda ku buryo bushobora gufungura amahirwe y'iterambere ry'ubukungu bungana ku bihugu bikiri mu nzira y'amajyambere.

Ku munsi wa Mbere w'Inama izasoza ku wa Kane tariki 30 Ukwakira 2025, Umukuru w'Igihugu Paul Kagame yitabiriye inama itangirwamo ibiganiro bihuza Abakuru b'Ibihugu barimo Guyana, Kosovo, Colombia, Bulgaria, Albania na Minisitiri w'Intebe wa Bermuda.

Inama yabo iribanda ku miterere y'ubucuruzi muri iki gihe n'uburyo bwo gusigasira inyungu ariko hatirengagijwe amahirwe ibihugu bisangiye.



Perezida Paul Kagame mu bitabiriye inama mpuzamahanga ya cyenda yiga ku ishoramari

Perezida Kagame aritabira ikindi kiganiro kibaza niba ikiremwamuntu kigana mu cyerekezo gikwiye. Iyi nama ku hazaza h'ishoramari yatangiye mu 2017 ihuza abafatanyabikorwa biyemeje mu gushaka ibisubizo birambye ku bibazo byugarije Isi.

Inama ya cyenda ku ishoramari yitabiriwe n'abagera ku 2 500 barimo Abakuru b'Ibihugu na za Guverinoma n'abakuriye ibigo byigenga.





# Miliyari 247 Frw zongerewe mu gucukura gaze mu Kiyaga cya Kivu

NTAWITONDA Jean Claude

***Ikigo GasMeth Energy cyatangaje ko cyongereye miliyoni 170 z'amadolari ya Amerika, ni ukuvuga miliyari zisaga 247 z'amafaranga y'u Rwanda mu mushinga wo gukura ingufu muri gazi metani (Gas Methane) iboneka mu Kiyaga cya Kivu.***

Icyo kigo cyasinyanye amasezerano y'imyaka 25 na Guverinoma y'u Rwanda mu mwaka wa 2019 yo kubyaza Gazi metani gaze yo gutekesha n'ikora mu nganda, cyongereye igishoro muri uwo mushinga kigera muri miliyoni 560 z'amadolari ya Amerika.

Uyu mushinga wo gucukura no gutunganya gazi ishobora gukoreshwa mu buzima bwa buri munsi ugamije kubungabunga ibidukikije no kugabanya umutwaro wa gazi isanzwe itumizwa mu mahanga.

Uruganda ruyitunganya rukomeje kubakwa ku nkengero z'Ikiyaga cya Kivu i Karongi, rwitezweho kujya rutunganya nibura metero kibe 990 000 za gazi ku munsi (40 MMSCFD), aho 35% kugeza kuri 40% by'ingano izajya itunganywa izifashishwa nka gazi yo gutekesha.

Ni mu gihe ikindi gice kizajya cyifashishwa mu bindi bikorwa birimo ingufu zifashishwa mu nganda no gutwara ibinyabiziga mu ngufu zisimbura lisansi, bikagabanya gaze yo gutekesha n'ibikomoka kuri peteroli byatumizwaga mu mahanga.

Stephen Tierney, Umuyobozi Mukuru wa GasMeth Energy yavuze ko ubugenzuzi bwa mbere bwari bwagaragaje ko icyiciro cya mbere cy'uruganda cy' agaciro ka miliyoni 360 z'amadolari ya Amerika, kiri hafi kurangira.

Ati: "Kuri iyi ntambwe, site zose z'ikiyaga ndetse n'ibindi bikorwa remezo byinshi byo ku nkengero biri hafi yo kurangira, hakomeje kubwaka ibindi bikorwa remezo byitarute inkengero."

Yakomeje avuga ko ibikorwa remezo by'ingenzi birimo gutunganywa harimo ubwato bunini bukorerwamo ibikorwa bitandukanye by'uruganda, imiyoboro ya gazi, komopereseri (compressors), inyubako n'ibindi.

Mu gihe urwo ruganda ruzaba rumaze kuzura mu mwaka wa 2027, byitezwe ko ruzaba rufite ubushobozi bwo gutanga ingano ya gazi ibonwa nk'igisubizo mu guhaza isoko rya gazi yo gutekesha n'ikenewe mu nganda n'ahandi mu Rwanda.

Stephen Tierney yakomeje agira ati: "Uyu mushinga uzafasha u Rwanda kwihaza kuri gazi yo gutekesha ndetse n'izindi ngufu zifashishwa mu nganda, ari na ko rugabanya gukomeza kwiringira ingufu zitumizwa mu mahanga."

Nubwo amasezerano yasinywe mu myaka itandatu ishize, urugendo rwo gutangira ibikorwa rwatindijwe no kubona ubushobozi ku ruhande rw'umushoramari kubera impinduka z'ubucuruzi mpuzamahanga zabaye mu myaka yakurikiryeho kubera ibyorezo n'intambara.

Tierney avuga ko no gushyira iherezo ku biganiro by'ishyirwa mu bikorwa ry'amasezerano na byo byataye undi mwanya munini urenze uwari witezwe.

Gusa guhera ubwo imirimo yo kubaka urwo ruganda mu Murenge wa Bwishyura, Akarere ka Karongi yatangizwaga ku mugaragaro na Minisitiri w'Intebe muri Kanama 2022, hari umuvuduko udasanzwe wagaragaye.

Kugeza uyu munsi uyu mushinga umaze guha akazi abasaga 250 kandi witezweho guhanga imirimo 1000 irimo 80% y'Abanyarwanda butarenze umwaka utaha.

Tierney yongeye gushimangira ko uyu mushinga utanga umusaruro uzira amakemwa ku kurengera ibidukikije ndetse no kurushaho guteza imbere imibereho myiza y'Abanyarwanda.

Ati: "Uyu mushinga uzagabanya ibyuka bihumanya ikirere, ufasha kunoza umwuka duhumeka, kandi ugabanye gukomeza kwizirika ku gucana inkwi n'amakara, ari na byo bituma amashyamba akomeza gucika."

Imibare ituruka muri Minisiteri y'Ibikorwa Remezo (MININFRA) igaragaza ko abakoresha gazi yo gutekesha bakomeza kwiyongera mu Rwanda, ku buryo umwaka wa 2024 washize hakenerwa toni zisaga 240 000, zivuye kuri toni 10 000 zakenerwaga mu 2017.



Hongewe miliyari zisaga 247 z'amafaranga y'u Rwanda mu mushinga wo gukura ingufu muri gazi metani (Gas Methane) iboneka mu Kiyaga cya Kivu



Igikomangoma Speciose Mukabayojo, umukobwa w'U mwami Yuhi V Musinga wategetse u Rwanda, yatabarutse ku itariki 27 Ukwakira 2025

# Uwari usigaye mu bana b'Umwami Yuhi V Musinga yitabye Imana

KAMBANDA Noel

***Igikomangoma Spéciose Mukabayojo, umukobwa w'Umwami Yuhi V Musinga wategetse u Rwanda, yatabarutse ku munsi w'ejo ku wa Mbere tariki 27 Ukwakira 2025 agejeje ku myaka 93 y'ubukuru, nk'uko byemezwa n'abo mu muryango we.***

Umwami Yuhi V Musinga, wayoboye u Rwanda kuva mu 1896 kugeza mu 1931 yegujwe n'Ababiligi, akaba yaratanze mu mwaka wa 1944 i Moba muri Congo aho yari yaciriwe.

Ibi bivuzeko igikomangoma Mukabayojo yavutse mu gihe Umwami Musinga yari yarakuwe ku ngoma.

Mukabayojo aheruka kugaragara muri rubanda mu gutabariza (gushyingura umwami) musaza we Kigeli V Ndahindurwa watabarijwe i Mwima ya Nyanza mu Rwanda mu 2017.

Mu myaka ya 1950 yashyingiranywe n'igikomangoma Benoit Bideri mu bukwe bwa cyami bwabaye ibirori bikomeye.

Umwe mu bo mu muryango we, umwuzukuruza wa Musinga "yagize ati tubuze umuntu wari imfura wicisha bugufi, utarigeze ashaka gushyira imbere ko ari umwana w'umwami akaba atashye yishimye kubera ko musaza we Umwami Kigeli V Ndahindurwa yatabarijwe mu Rwanda. Agiye yishimye asanze abe kuko kubaho uri uwa nyuma mu muryango ntibyoroshye mu muryango w'abana 19, Yari n'umukirisitu w'intangarugero."

Mukabayojo ni we mwana wenyine wari ukiriho mu bana 19 b'Umwami Yuhi V Musinga.

Abo bana be bakaba bari Bakayishonga, Rudacyahwa, Rwigemera, Mukamurela, Musheshambugu, Mononozi, Mukangira, Banamwana, Nkuranga, Nkurayija, Badakengerwa, Rutayisire, Ruzibiza, Ruzindana, Ndahindurwa, Mukabayojo, Subika, Bagambaki na Rudahigwa.

# Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva yagaragaje ko u Rwanda rwubakiye ku kurengera ibidukikije




Minisitiri w'Intebe Dr Nsengiyumva Justin yerekanye ko intego u Rwanda rwubakiyeho yo kurengera urusobe rw'ibidukikije ari uguharanira kugera ku mahoro n'ubukire

**KAYITARE Jean Paul**

***Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin, yifatanyije n'abayobozi bakuru barimo Perezida wa Mozambique, Daniel Chapo, n'abandi banyacyubahiro yerekanye ko intego u Rwanda rwubakiyeho yo kurengera urusobe rw'ibidukikije ari uguharanira kugera ku mahoro n'ubukire.***

Yabigarutseho mu butumwa yatangiye mu birori byabereye muri Andrew W. Mellon Auditorium i Washington D.C.

Ni ibirori byahurije hamwe abantu barenga 200 barimo abagize Inteko Ishinga Amategeko ya Leta Zunze Ubumwe za Amerika, abayobozi muri guverinoma, abayobozi b'ibigo by'ubucuruzi n'abaharanira kurengera ibidukikije.

Minisitiri w'Intebe, Dr. Nsengiyumva Justin, yashimangiye ko intego u Rwanda rwubakiyeho yo kurengera urusobe rw'ibidukikije ari ukubungabunga uburyo karemano bufasha abaturage kubaho.

Minisitiri w'Intebe w'u Rwanda, Dr. Justin Nsengiyumva, yabwiye abayobozi b'Isi ko intambwe u Rwanda rumaze gutera mu kubungabunga inyamaswa z'ibidukikije yerekana uko kurengera ibidukikije bishobora guteza imbere amahoro n'ubukungu muri Afurika.

Yavuze ko kubungabunga ibidukikije biri muri gahunda z'iterambere ry'igihugu kuva mu myaka mirongo itatu ishize.

Minisitiri w'Intebe yashimangiye gahunda z'igihugu cy'u Rwanda zishingiye ku bukungu bw'abaturage, zirimo 'Kwita Izina', umuhango ngarukamwaka wo kwita amazina ingagi watangiye imyaka 20 ishize, ubu ukaba warabaye ikimenyetso cy'intsinzi mu kubungabunga ibidukikije bikorwa n'abaturage ubwabo.

Yagize ati: "Hari igihe ingagi zo mu misozi zari zigiye kuzimira kubera kuba mbarwa cyane. Ubu, kubera ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije, umubare wazo wageze ku zirenga 1 000, wikuba inshuro enye ugereranyije n'uko byahoze."

Yanakomoje kandi ku mpinduka zabaye muri Pariki y'Igihugu ya Akagera, yongeye gusubizwa ubuzima binyuze mu bufatanye hagati ya Leta n'abikorera ku giti cyabo binyuze muri African Parks.

Hashize imyaka cumi n'itanu Pariki y'Igihugu ya Akagera isubijwe abikorera, umubare w'inyamaswa wayo wikubye kabiri, kandi ubu pariki ifite ubushobozi bwo kwihaza mu mikorere yayo.

Intare zagaruwe muri pariki mu mwaka wa 2015 nyuma yo gucika burundu mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, zikurikirwa n'inkura z'umukara n'iz'umweru aho iz'umweru zazanywe n'indege harimo ikuze kurusha izindi.

Dr. Nsengiyumva yashimangiye ko iyi ntsinzi yaturutse ku ruhare rw'abaturage.

Yagize ati: "Abaturage batuye hafi y'izi pariki nibo babaye abarinzi ba mbere b'inyamaswa mu Rwanda, kuko tubizeza ko bungukira mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije."

Minisitiri w'Intebe yongeye gushimangira uruhare rw'u Rwanda mu buyobozi bwa Afurika mu bijyanye no kubungabunga ibidukikije, yibutsa gahunda yiswe 'Kigali Call to Action for People and Nature' ugenekereje ni Ubutumire bwa Kigali ku bantu n'ibidukikije, yemejwe n'abayobozi b'Afurika mu 2022.

Iyo gahunda yakurikiwe no kurema ubufatanye bushya nka Africa Keystone Protected Area Partnership, buhuza ibikorwa byo kubungabunga ibidukikije n'udushya, ubushakashatsi ku bimera n'inyamaswa, ndetse n'ikoranabuhanga rihanitse mu gukurikirana inyamaswa.

Ku bijyanye n'umutekano w'Akarere, Dr. Nsengiyumva yibukije ko pariki za Afurika zitagomba gukoreshwa n'imitwe y'iterabwoba cyangwa imiryango y'abagizi ba nabi mu guhungabanya umutekano.

Yashimiye Leta Zunze Ubumwe za Amerika, by'umwihariko Perezida wayo Donald Trump, kubera ubuyobozi bw'indashyikirwa mu guteza imbere amahoro mu Karere, anashima amasezerano y'amahoro ya Washington arimo ingingo z'ubufatanye hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC) mu by'ubukerarugendo no kubungabunga ibidukikije.

Yanakiriye bishimishije ishyirwaho ry'Umuryango U.S. Foundation for International Conservation, avuga ko uzafasha gushimangira amahoro arambye binyuze mu mahirwe y'iterambere rirambye.

Minisitiri w'Intebe yashimye Rob Walton, umunyacyubahiro ukomeye mu bikorwa byo kubungabunga ibidukikije, kubera uruhare rwe mu gufasha Afurika cyane cyane mu gushinga African Conservation Academy muri Pariki y'Igihugu ya Akagera, ishuri rishya rizajya ritangirwamo amahugurwa y'abahanga mu kubungabunga ibidukikije ku rwego rw'Akarere.

Yasoje agira ati: "Ibi birori by'uyu munsi birerekana ko iyo dufatanyije, dushobora kubaka ejo heza ku bana bacu n'Isi yacu."





Imvaho Nshya
Soma Usobanukirwe Buri Munsi

## Ijambo ry'Ibanze

### *Uwahombye imyaka 31 y'u Rwanda rwiyubaka yambuwe byinshi*

Mu kugerageza no kwanga gusubira inyuma, u Rwanda rumaze imyaka 31 ruciye karande y'imiyoborere ishingiye ku rwango n'amacakubiri yarugejeje kuri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994.

Urwo ruhererekane rwasigiye u Rwanda igihombo gikomeye uhereye ku basaga miliyoni bambuwe ubuzima bahorwa uko bavutse mu minsi 100, ugusenyuka kw'imico mbonera y'Abanyarwanda, kurema ubuhunzi bwari bwarabaye karande n'ibindi byinshi.

Abantu bakuze baryana nka za senene Umukuru w'Igihugu yakomojeho, ziryana kubera ko hari unyeganyeje icupa zafungiwemo, ariko zitazi uwazifungiranye n'ujunguje iryo cupa.

Kubohora u Rwanda ni wo muti wari usigaye na wo wasabye ibitambo biremereye cyane kuko hari abahaze ubuzima bwabo kugira ngo barengere ubw'abandi n'ubw'Igihugu twishimira ko kimaze imyaka 31 mu isura nshya izira urwango n'amacakubiri.

Byose bishingiye ku buyobozi bwimakaje ubumwe n'ubwiyunge bw'Abanyarwanda bagiye barushaho gusobanukirwa ko umwiryane wabo wari ushingiye kuri ba gashakabuhake bishakira indamu zabo mu bumenyi buke bw'abanyagihugu.

Imyaka 31 ishize kandi yavutsemo ikiragano gishya gitegurirwa gusigasira ubutwari n'umuhate w'ababyeyi wo gusigasira uru Rwanda rushya rwashibutse.

Ku rundi ruhande abagize uruhare mu gusenya u Rwanda bahungiye mu bihugu birukikije no hakurya y'inyanja, na bo bakomeje kororoka ndetse ababakomokaho Igihugu bazi uyu munsi ni icyubakiye ku mateka bahunganye.

Ku bw'iyo mpamvu, abagerageza kwigobotora iyo ngoyi by'umwihariko abari barafatiwe bugwate mu mashyambya ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), bakeneye kwitabwaho by'umwihariko kugira ngo babashe guhuza Isi bakuriyemo n'Igihugu basanze gitandukanye n'icyo babwirwaga.

Uretse kuba barasigaye inyuma mu iterambere ry'ibifatika, ni uruhare rwa buri wese kubaherekeza no mu myumvire binyuze no mu kubana na bo neza tubabera intangarugero n'impamvu zituma bikura mu gihombo basizwemo n'abatifuza ahazaza h'Igihugu cyabo cyunze ubumwe.

Birababaje kuba nta mpamvu igihari yatuma Umunyarwanda yitwa impunzi ariko hakaba hari abacyiyita zo. Abagira amahirwe yo gucika ingoyi y'amateka ashingiye ku bakoloni ni bo bahamya b'uburyo abakiyiziritseho bari mu gihombo gikomeye.

# U Rwanda rusanga imirwano ikwiye guhagarara ngo ubutabazi muri RDC bushoboke



Abahagarariye u Rwanda, RDC na Uganda baganiriye ku mutekano w'Uburasirazuba bwa RDC

**ZIGAMA Theoneste**

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb Nduhungirehe Jean Patrick Olivier yatangaje ko bikwiye ko imirwano ibanza guhagarara kugira ngo ibikorwa by'ubutabazi bishoboke mu Burasirazuba bwa RDC.***

Yabigarutseho mu butumwa yashyize ku mbuga nkoranyambaga, amenyesha ko ku wa Kane tariki ya 30 Ukwakira 2025, mu ngoro y'Umukuru w'Igihugu cy'u Bufaransa Champs Élysée i Paris, Perezida w'u Bufaransa Emmanuel Macron hamwe na Perezida wa Togo Faure Essozimna Gnassingbé nk'umuhuza washyizweho n'Afurika Yunze Ubumwe mu kibazo cya RDC na M23, bayoboye inama mu muhezo y'Abakuru b'Ibihugu n'intumwa zaturutse mu bihugu by'Akarere k'Ibiyaga Bigari (RDC, u Rwanda, u Burundi n'u Buganda).

Ni inama yitabiriwe n'abahagarariye Leta Zunze Ubumwe za Amerika na Qatar, ikaba yari igamije kuganira ku kibazo cy'ubutabazi n'imibereho y'abantu mu Burasirazuba bwa Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), mu rwego rw'Inama ya Paris ishinzwe gushyigikira amahoro n'iterambere mu Karere k'Ibiyaga Bigari.

Yavuze ko u Rwanda rwagaragaje ko hakenewe amahoro kugira ngo ibikorwa by'ubutabazi bibonerwe umuti muri ako gace.

Rwashimye Perezida w'u Bufaransa, Emmanuel Macron ku ruhare rwe rwo guharanira ko ako Karere kabona amahoro.

Yagize ati: "Iyi nama yabaye umwanya mwiza ku Rwanda wo gushimira Perezida Macron ku bushake bwe mu gushakira umuti urambye ibibazo byo mu Burasirazuba bwa Congo, ndetse no kongera kwemeza ko u Rwanda rwiyemeje gushyigikira ibikorwa by'ubutabazi muri ako gace.

Yunzemo ati: "Ariko kandi, u Rwanda rwasobanuye ko ibikorwa by'ubutabazi bishingira ku mutekano, rusaba ko amasezerano yo guhagarika imirwano [ihuje ingabo za FARDC n'abazifasha bahanganye na AFC/M23].

Aya masezerano yasinyiwe i Washington n'i Doha yubahirizwa, kandi hagahagarikwa ibitero bya buri munsi by'indege z'intambara n'iza drones by'ingabo za FARDC, cyane cyane bigabwa mu duce dutuwe n'Abanyamulenge n'abandi Banyekongo bo mu bwoko Tutsi."

Hagati aho ariko muri yo nama Perezida Emmanuel Macron w'u Bufaransa yatangaje ko iki kibuga cy'indege cya Goma kizafungurwa mu byumweru bike biri imbere, kugira ngo kijye cyifashishwa mu bikorwa by'ubutabazi kabiri mu cyumweru.

Yagize ati "Ndagira ngo mbamenyeshe ko mu byumweru biri imbere, tuzafungura ikibuga cy'indege cya Goma kugira ngo kijye kigwaho indege z'ubutabazi iminsi ibiri mu cyumweru.

Ni indege nto bitewe n'ubushobozi bwacyo. Bizakorwa hubahirizwa ubusugire bwa RDC kugira ngo indege za mbere z'ubutabazi zijyeyo bidatinze."

Macron yatanze ubu butumwa nyuma yo kugirana ikiganiro na Félix Tshisekedi n'umuhuza washyizweho n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe (AU), Faure Gnassingbé, cyabereye mu muhezo ku gicamunsi cyo ku wa 30 Ukwakira.

Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane, Amb. Olivier Nduhungirehe, yagaragaje ko gufungura icyo kibuga Mpuzamahanga cy'indege cya Goma bireba umutwe wa AFC/M23, ndetse bikwiriye kuganirwaho mu biganiro bya Doha biyihuza na Leta ya RDC.

AFC/M23 igenzura iki kibuga cy'indege kuva mu mpera za Mutarama 2025 ubwo yafataga Umujyi wa Goma, iwirukanyemo ihuriro ry'ingabo za RDC ryasize ryangije ibice byinshi byacyo birimo umunara uyoborerwamo indege.

Umuvugizi wa Guverinoma ya RDC, Patrick Muyaya, yasamiye hejuru ubutumwa bwa Perezida Macron, atangaza ko ubutegetsi bw'igihugu cye ari bwo bwonyine bufite ububasha bwo gufungura iki kibuga cy'indege.

Ati: "Gufungura ikibuga cy'indege cya Goma bizaba gusa hashingiwe ku ruhushya rwa Leta ya RDC kandi kizafungurirwa gusa indege z'ubutabazi zizajya zihagwa mu masaha y'amanywa."

# RDC yemera ko FDLR iriho ubundi ikivuguruza- Amb Nduhungirehe

ZIGAMA Theogene

***Minisitiri w'Ububanyi n'Amahanga n'Ubutwererane Amb. Olivier Jean Patrick Nduhungirehe, yagaragaje ko Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), ikomeza kwivuguruza ku gutangaza niba umutwe wa FDLR uriho cyangwa utariho bityo bikadindiza na gahunda yo kuyisenya.***

Yabishingiye ku kiganiro Umuvugizi w'Igisirikare cya RDC (FARDC) Gen Ekenge Sylvain mu kiganiro aheruka guha Televiziyo y'Abadage Dechewell, aho yagize ati: "Uyu munsi, dukwiye no kwibaza aho FDLR iri? Bari mu gace karimo u Rwanda hamwe na AFC / M23, cyane cyane muri Teritwari ya Rutshuru. Kandi barashaka kwitanga, ariko babujijwe kubikora."

Mu butumwa yanyujije ku mbuga nkoranyambaga ze,


Minisitiri Amb Nduhungirehe Olivier avuga ko RDC yivuguruza ku mutwe w'iterabwoba FDLR ikavuga ko uriho ubundi utariho

Amb Nduhungirehe yagize ati: "Mu nama zihuriweho z'abagize inzego z'umutekano hagati y'u Rwanda na Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (JSCM) zabereye muri Leta Zunze Ubumwe z'Amerika, mu Mujyi wa Washington D.C, uwari uyoboye itsinda rya RDC General Patrick Sasa Nzita, yakunze kugaragaza ko FDLR igizwe n'abakoze Jenoside yakorewe Abatutsi itakibaho."

Yakomeje avuga ngo uwo musirikare wa RDC yongeyeho ko urwo ngo ari urwitazo rw'u Rwanda mu gushaka kubona urwaho rwo gutera Congo, ko ku bwe ibyo bizatuma Igihugu cye kidasinya amasezerano y'amahoro ya Washington.

Minisitiri Nduhungirehe yongeye gushimangira ko ibyo ari ibinyoma bikwirakwizwa na Leta ya Congo bigamije kuyobya uburari.

Ati: "Undi General Sylvain Ekenge, Umuvugizi w'igisirikare cya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (FARDC) na we atubwira ko rwose FDLR iriho, ariko ibyo abivuga ko ngo "iri mu bice byafashwe n'u Rwanda n'umutwe wa AFC/M23. Yanongeyeho ko ngo abafashwe babujijwe kurambika intwara hasi."

Amb. Nduhungirehe yakomeje yibaza niba Guverinoma ya Congo umunsi umwe izahagarika kwivuguruza ku byo itangaza kuri FDLR.

Yagize ati: "Ese hari umunsi Guverinoma ya RDC izareka gutanga inkuru zirimo kwivuguruza no gushyiraho amananiza? Hari umunsi uzagera ikarekera gukina amakinamico asetsa (comedy) ahubwo bakemera gusenya umutwe wa FDLR yashyize mu ngabo zayo, ikabikora nkuko amasezerano ya Washington abiteganya."

Amasezerano y'Amahoro yashyizweho umukono hagati ya RDC n'u Rwanda ku itariki 27 Kamena 2025 i Washington, u Rwanda na RDC byemeranyijwe kubaha ubusugire bwa buri ruhande.

Impande zombi kandi zari zemeranyije gushyiraho uburyo buhuriweho bwo kurwanya umutwe wa FDLR (CONOPS) hanyuma u Rwanda rugakuraho ingamba z'ubwirinzi rwafashe.

Zemeye kwirinda ibikorwa byose by'ubushotoranyi no kutivanga, gushyigikira, cyangwa kwemera ibitero ibyo ari byo byose bya gisirikare cyangwa ibindi bikorwa, byaba mu buryo buziguye cyangwa butaziguye, bibangamira amahoro n'umutekano, cyangwa bibangamira ubusugire bw'urundi ruhande.

Kugeza ubu nubwo amasezerano yo guhosha umutekano muke mu Burasirazuba bwa RDC akomeje kwigwaho, hakomeje kumvikana ibitero by'ingabo za RDC kuri M23 aho uwo mutwe uvuga ko utazigera wihanganira ko byica abaturage ahubwo uzakomeza kubisubiza inyuma.

# Umurage w'u Rwanda 90% ura-cyari mu bihugu byarukolonije

MUTETERAZINA Shifah

***Inteko y'Umuco yatangaje ko kugeza ubu u Rwanda rugifite ikibazo cya bimwe mu bigize umurage warwo byasahuwe n'Abakoloni b'Ababiligi n'Abadage kugeza n'uyu munsi bikaba bikimurikwa mu ngoro z'amahanga.***

Bivugwa ko muri uwo murage harimo ubitswe mu majwi n'amashusho, imigogo y'abami n'uduhanga tw'Abanyarwanda twatwawe icyo gihe tukaba tukiri mu ngoro ndangamurage y'Abadage bakabaye bari mu Nzibutso z'Amateka y'u Rwanda, n'ibindi.

Mu gihe u Rwanda rwifatanyaga n'Isi kwizihiza no kuzirikana Umunsi Mpuzamahanga wahariwe kubungabunga umurage ushingiye ku majwi n'amashusho kuri uyu wa 27 Ukwakira 2025, Intebe y'Inteko Amb. Masozera Robert yavuze ko hari bike mu byo ibyo bihugu byagaruriye u Rwanda.

Yavuze ko hakiri urugendo rwo kubona umurage wose w'u Rwanda kuko 90% byawo ukuri mu bihugu by'amahanga.

Kugeza ubu Inteko y'Umuco, ifite mu nshingano kubungabunga umurage w'amateka y'u Rwanda, itangaza ko ibitse umurage w'indirimbo 4095 hamwe na filime mbarankuru (Films Documentaire) zigera


Inteko y'Umuco ivuga ko nubwo hari Umurage bamaze kubona hakiri urugendo kuko 90% byawo ukiri mu bihugu byakolonije u Rwanda

kuri 20.

Yagize ati: "Mu bubiko bwacu nubwo dufite ibihagije ariko biracyari bike, ibyo dufite twabikuye hanze mu bihugu byadukolonije by'umwuhariko u Bubiligi.

Hari ibyo baduhaye harimo amafoto, indirimbo ziri mu majwi ariko umurage mwinshi w'u Rwanda uri hanze kandi usanga harakiri akazi ko komenya uwo murage uwo ariwo no gushaka ubuhamya ko wavuye mu Rwanda koko kuko bo baracyumva ko ari uwabo."

Amb.Masozera akomeza avuga ko uburyo bwo gucyura imwe mu mirage ndangamuco y'u Rwanda byari byaratangiye kuganirwaho ndetse bimwe bigeze ku musozo, ariko bikaza kugenda biguru ntege.

Bimwe mu byasahuwe harimo inyandiko, indirimbo, amafoto ndetse n'imibiri ya bamwe mu bakurambere b'u Rwanda bakaba baraganiriye ku buryo u Rwanda rwabihabwa, kandi ngo nta gucogora bazakomeza gusaba ko bigarurwa mu gihugu.

Intebe y'Inteko Amb. Masozera, yakomeje ahamagarira Abanyarwanda bakibitse umurage w'amajwi n'amashusho kuwurinda kwangirika bakawujyana mu bubiko bw'Igihugu.

Yagize ati: "Icyo nabwira Abanyarwanda ni uko amakuru yose waba ugifite ajyanye na bwa bukasete bwa kera bwashyirwagaho indirimbo, cyangwa ibyo twitaga ibisahane (Disc) bamenye ko uwo murage uri mu kaga kandi hano mu bubiko bw'Igihugu dufite uburyo bwo kubyakira kandi

KOMEZA KU RUP.9





# Guverinoma yavuze ku mushinga w'indangamuntu koranabuhanga uzatwara asaga miliyari 100



Serivisi y'indangamuntu koranabuhanga izajya ku Irembo ku itariki 10 Ugushyingo 2025

KAYITARE Jean Paul

***Guverinoma y'u Rwanda yasobanuye umushinga w'indangamuntu koranabuhanga witezweho kuzatwara arenga miliyari 100 Frw. Ni umushinga Minisiteri y'Ikoranabuhanga na Innovation ivuga ko utangira kuri uyu wa Kabiri tariki 28 Ukwakira 2025.***

Abanyarwanda bose harimo n'abana ndetse n'abanyamahanga batagira igihugu ariko batuye mu Rwanda, bazahabwa indangamuntu koranabuhanga.

Ni indangamuntu izaba ikubiyemo amakuru yisumbuye ku yari asanzwe mu ndangamuntu yari iriho harimo n'ibimenyetso ndangamiterere.

Inzego za Leta zishinzwe iki gikorwa cy'indangamuntu koranabuhanga zivuga ko ibi bizihutisha imitangire ya serivisi.

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Innovation, Paula Ingabire, agaragaza itandukaniro ry'indangamuntu koranabuhanga n'indangamuntu isanzwe.

Ati: "Iyi ndangamuntu koranabuhanga ntabwo bizajya bisaba ko uyigendana. Igihe utayigendanye uzaba ufite kode ushobora kuba uzi wowe ku giti cyawe twaguhaye cyangwa iri kuri telefoni yawe igendanwa.

[...] tuzatanga uburyo bw'uko ushobora kuba unayifite kuri telefoni ku buryo umuntu aramutse ayigusabye wayitanga cyangwa inafite umubare w'ibanga mu gihe ugiye gushaka serivisi."

Asobanura ko ubwo buryo butatu butandukanye buriho, buzajya bworohereza Abanyarwanda cyangwa abatuye mu Rwanda igihe bagiye gushaka serivisi badafite za ndangamuntu zabo.

Ati: "Uramutse udafite ya numero yawe y'ibanga wanayibagiwe, ushobora gutanga bya bikumwe byawe cyangwa bagafata ifoto igahita itanga ya makuru yawe.

Bivuze yuko turashyiraho uburyo butandukanye ariko bitavuze yuko igihe udafite ikarita, ukibagirwa wa mubare w'ibanga bitavuze ko utaribubone serivisi kuko za rangamiterere twafashe nuzikoresha, zizashobora kubona ya makuru yawe muri sisiteme, zishobore kuba zatangwa"

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Dominique Habimana, avuga ko ari ngombwa gutunga indangamuntu koranabuhanga ukurikije aho u Rwanda rugeze mu iterambere ry'ikoranabuhanga kugira ngo umuturage ahore ku isonga.

Agira ati: "Ni indangamuntu izatuma umuturage adasiragira, cyane cyane ko igihugu cyacu icyo dushyize imbere ni umuturage kugira ngo ahore ku isonga, abone serivisi neza ariko binamufashe na we ubwe mu rugendo rwo kwiteza imbere.

Igihugu cyacu ibikorwa remezo cyubatse muri iyi nzira y'iterambere, bitwemerera noneho no kuba twagira indangamuntu koranabuhanga.

Ntibyari gushoboka mu myaka yashize ariko kubera ko hari ibyo twabashije kubaka bifatika, ubu dushobora noneho kuyigeraho tukaba twabyishimira."

Minisitiri w'Ikoranabuhanga na Innovation, Ingabire, ashimangira ko umwana wavutse na we azahabwa indangamuntu koranabuhanga ndetse ko n'iyi serivisi ushobora kuyisabira ukoresheje serivisi za Irembo.

Ati: "Ku bana bakivuka kugera ku myaka 5, tuzajya dufata ifoto gusa kubera bya bimenyetso; zaba intoki 10 cyangwa amaso, byose bigenda bihinduka.

Icyo twateganyije ni uko tubifata akivuka cyangwa akiri hagati y'imyaka 0-5 ariko yakuzuza imyaka 5 akazazanwa kugira ngo afatirwe bya bimenyetso byose kugira ngo bijye muri bwa bubiko bw'indangamuntu koranabuhanga."

Guverinoma yatangaje ko serivisi y'indangamuntu koranabuhanga izajya ku Irembo ku itariki 10 Ugushyingo 2025, ku buryo umuturage uwo ari we wese n'iyo yaba ari muri Diyasipora ashobora kujyamo akemeza amakuru ye ari muri sisiteme y'indangamuntu, amakuru y'umuryango we, uwo bashakanye n'abana be nyuma akazajya gutanga bya bimenyetso by'irangamiterere.

Minisiteri y'Ubutegetsi bw'Igihugu itanga ubutumwa ku banyarwanda mu gihe iyi gahunda izaba itangiye, ko bazatanga amakuru y'ukuri kandi yuzuye.

Minisitiri Habimana yagize ati: "Icyo twasaba abaturage ni uko bakoresha aya mahirwe neza kugira ngo batange amakuru y'ukuri ariko bibafashe kugira umwirondoro wabo ube umeze neza. Ntabwo ari umwanya wo guhindura ibitagombaga guhinduka.

Ari yo mpamvu dusaba buri muturage wese, yaba yari afite icyangombwa, yaba yaragitaye, yaba yari ari mu nzira zo kugishaka ntacikanwe n'aya mahirwe.

Ni umwanya wo kugira ngo ibyo byose bitungane n'ibyari bikeneye gukosorwa nabyo bikosorwe bityo buri muturage abe afite ibyangombwa."

Ku ikubitiro Uturere two mu Ntara y'Amajyepfo; Huye, Gisagara na Nyanza ni two tuzaherwaho mu gutanga amakuru azashyirwa mu ndangamuntu koranabuhanga.

# Umurage w'u Rwanda 90% ura-cyari mu bihugu byaru-kolonije

IBIKURIKIRA URUP.8

bikabikwa neza."

Turakangurira buri wese uwufite kuwuzana; ikindi kintu nongeraho ni uko inzego za Leta atari zo zishinzwe kuwubungabunga n'undi wese ubishaka yaza agahugurwa uko yawibikira niba adashoboye

kuwuzana mu Nteko y'Umuco ariko ukabikwa neza mu nyungu z'Abanyarwanda bose."

Uretse uwo murage uri mu mahanga Amb Robert Masozera agaragaza ko hari n'undi wangiritse mu gihe cya Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 ukabura burundu.

Ubuyobozi bw'Inteko y'Umuco buvuga ko mu rwego rwo kurushaho kubungabunga umurage w'amajwi n'amashusho ndetse n'inyandiko, bisigaye bibikwa hakoreshejwe uburyo bw'ikoranabuhanga, hagamijwe kurushaho kuwubika neza kandi byizewe, kugira ngo bizafashe Abanyarwanda bazabaho mu binyejana bizaza kuzamenya amateka y'u Rwanda n'Abanyarwanda bo hambere.

Umunsi Mpuzamahaga wahariwe kuzirikana Umurage w'Amajwi n'Amashusho mu Rwanda wizihijwe ku nshuro ya Gatanu ku nsanganyamatsiko igira iti 'Umurage uri mu majwi n'amashusho, umuyoboro w'umuco n'amateka by'Abanyarwanda.

# U Rwanda na Zimbabwe byiyemeje ubufatanye mu kurwanya ruswa

**NYIRANEZA Judith**

***Komisiyo ishinzwe kurwanya ruswa ya Zimbabwe (ZACC) ihagarariye Repubulika ya Zimbabwe, yashyize umukono ku masezerano y'ubufatanye (MoU) n'Urwego rw'Umuvunyi, agamije kwagura ubufatanye hagati y'izi nzego zombi n'ibihugu byazo.***

Ni amasezerano yashyizweho umukono kuri uyu wa Mbere tariki 27 Ukwakira 2025, ku cyicaro cy'Urwego rw'Umuvunyi, mu rwego rwo kurushaho guhuza imbaraga mu rugamba rwo kurwanya no guhashya ruswa.

Madamu Nirere Madeleine Umuvunyi Mukuru, washyize umukono kuri aya masezerano ku ruhande rw'u Rwanda, yavuze ko iyi ari intambwe ishimishije itewe mu gushimangira ubufatanye n'imikoranire hagati y'u Rwanda na Zimbabwe, bikaba n'inzira ikomeye mu kurushaho kunoza umubano w'Inzego zombi.

Ati: *"Iki gikorwa ni intambwe nshya y'ingenzi mu gushimangira ubufatanye n'imikoranire hagati y'u Rwanda na Zimbabwe, ndetse kikaba n' inzira ikomeye mu kunoza umubano hagati y'Urwego rw'Umuvunyi na Komisiyo Ishinzwe Kurwanya Ruswa muri Repubulika ya Zimbabwe mu guhangana n'ingaruka z'ibyaha bya ruswa, Kigaragaza kandi imikoranire mu kurushaho kunoza inshingano duhuriyeho mu kwimakaza indangagaciro z'ubunyangamugayo, gukorera mu mucyo kubazwa inshingano*



Umuvunyi Mukuru Nirere Madeleine na Michael Reza, Umuyobozi wa Komisiyo Ishinzwe Kurwanya Ruswa muri Zimbabwe basinye amasezerano

*ari byo shingiro ry'imiyoborere myiza n'iterambere rirambye mu bihugu byacu."*

Hon. Michael Reza, Umuyobozi wa Komisiyo Ishinzwe Kurwanya Ruswa muri Repubulika ya Zimbabwe (ZACC), yavuze ko yishimiye isinywa ry'aya masezerano kuko bigaragaza gukomeza imikoranire myiza n'umubano ibihugu byombi bisanganywe.

Ati: *"Uyu munsi dukomeje kurushaho gukomeza umubano w'ibihugu byacu byombi, u Rwanda na Zimbabwe, binyuze mu gushyira umukono kuric aya masezerano y'ubufatanye agamije kurwanya ruswa. Aya masezerano azafasha mu bufatanye mu bijyanye n'ubushakashatsi no guhugura abakozi; koherezanya abakozi kugira ngo basangire ubunararibonye; gusangizanya amakuru ku bikorwa n'ingamba zo kurwanya ruswa; gukora isesengura ku byaha bya ruswa rihuriweho; ndetse no gufashanya mu bijyanye n'imiyoborere n'ikoreshwa ry'ikoranabuhanga (ICT) hagamijwe gushimangira imbaraga n'ubunyamwuga by'inzego zacu."*

Amasezerano yasinywe hagati ya Komisiyo ishinzwe kurwanya ruswa ya Zimbabwe ihagarariye Repubulika ya Zimbabwe' n'Urwego rw'Umuvunyi arahita ashyirwa mu bikorwa nyuma y'iminsi 30 uhereye igihe yashyiriweho umukono akaba afite igihe cy'imyaka 5 ishobora no kongerwa.

Raporo ngarukamwa y'Umuryango Transparency International (TI) urwanya ruswa n'akarengane yasohotse ku wa 11 Gashyantare 2025, yerekana uko ibihugu birwanya ruswa mu nzego za Leta, yerekanye ko u Rwanda ruza ku mwanya wa 43 mu kurwanya ruswa ku rwego rw'Isi aho rwagize amanota 57%.

Iyo raporo ikubiyemo ubushakashatsi bwakozwe na TI mu bihugu 188 byo ku Isi.

Iyo raporo igaragaza ko amanota y'u Rwanda mu kurwanya ruswa yiyongereyeho 4% mu mwaka wa 2024, ari yo manota menshi rwagize mu mateka yarwo, avuye kuri 53% rwagize mu 2023 aho rwari rufite amanota 53% ruri ku mwanya wa 49 ku Isi.

Iyi raporo yagaragaje ko ku Mugabane wa Afurika, u Rwanda rwaje ku mwanya wa gatatu, rukurikiye Seychelles ifite amanota 72% (yazamutseho 1%) kuko mu 2023 yari ifite 71% na Cap Vert iza ku mwanya wa kabiri na 62%, yasubiye inyuma kuko mu 2023 yari ifite 64%.

Rwanda na Zimbabwe bifitanye umubano mwiza, hashingiwe ku masezerano y'ubufatanye yasinywe muri Kanama 2025 yo gushyigikirana mu nzego z'ubuzima, urubyiruko, polisi, ingufu, ubucuruzi no guhanahana amakuru ya gasutamo, uburezi Aho Zimbabwe yohereje abakozi (abarezi) bo kwigisha icyongereza n'ibindi.

Rwanda na Zimbabwe byashyizeho za Ambasade i Harare n'i Kigali mu mwaka wa 2019, mu rwego rwo kurushaho kwagura ubutwererane mu nzego zitandukanye

Igihugu cya mbere ku Isi mu kurwanya ruswa ni Danmark n'amanota 90% igakurikirwa na Finland yagize amanota 88%.

Mu Karere ka Afurika y'Iburasirazuba u Rwanda ruza ku mwanya wa mbere, rugakurikirwa na Tanzania iri ku mwanya wa 82 ku Isi, ikaba ifite amanota 41%, Kenya ni iya gatatu n'amanota 32%, ikaba iri ku mwanya wa 121 ku rwego rw'Isi, Uganda ya kane mu Karere ifite 26%, iri ku mwanya wa 140 ku Isi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo ni iya gatanu, ifite 20% mu kurwanya ruswa ikaba ku mwanya wa 163 ku Isi, mu gihe u Burundi buri ku mwanya wa 165 ku Isi bufite amanota 17%.

U Rwanda rufite intego yo kuba rwaciye ruswa burundu mu 2050.

# Amb. Vincent Karega yatanze impapuro zo guhagararira u Rwanda muri Algérie

**SHEMA Ivan**

***Ambasaderi Vincent Karega yashyikirije Perezida wa Algérie Abdelmadjid Tebboune, impapuro zimwemerera guhagararira u Rwanda muri icyo gihugu.***

Ni umuhango wabaye ku wa Kabiri tariki ya 28 Ukwakira 2025, akaba ari we Ambasaderi wa mbere ufite icyicaro muri Algerie.

Nyuma yo gutanga impapuro zo guhagararira u Rwanda agaragaza ko ari ishema kuri we, Amb. Karega yagize ati: "U Rwanda na Algeria byiyemeje kurushaho kuzamura umubano w'ibihugu n'ushingiye ku mugabane, ukagera ku rwego ruhanitse."

Inama y'Abaminisitiri yo ku wa 16 Nyakanga 2025, yateraniye muri Village Urugwiro iyobowe na Perezida wa Repubulika y'u Rwanda, Paul Kagame, ni yo yagize Vincent Karega Ambasaderi w'u Rwanda muri Algérie.

Algérie n'u Rwanda bifitanye imikoranire mu bijyanye n'umutekano ndetse n'uburezi kuko hari abanyeshuri bava mu Rwanda bajya kwiga muri iki gihugu gikoresha Icyarabu, Igifaransa n'Igi-Tamazight.


Kuva mu 1982, u Rwanda na Algérie byasinye amasezerano atandukanye arimo ajyanye n'ubukungu, imibereho myiza y'abaturage; ayo gusangira ubunararibonye mu by'umuco ndetse n'imikoranire n'ayandi.

KOMEZA KU RUP.11





IBIKURIKIRA URUP.10



Amb. Vincent Karega yashyikirije Perezida wa Algérie Abdelmadjid Tebboune, impapuro zimwemerera guhagararirayo u Rwanda

## Amb. Vincent Karega yatanze impapuro zo guhagararira u Rwanda muri Algérie

Ubwo Perezida Kagame yari muri Algérie ku nshuro ya mbere, yavuze ko umubano w'ibihugu byombi ugomba kuzanira inyungu abaturage b'ibi bihugu ndetse na Afurika muri rusange.

Mukwezi k'Ukuboza 2023, Algérie yafunguye Ambasade yayo mu Rwanda, nk'ikimenyetso cy'ubushake bwo kurushaho kwagura umubano hagati y'ibihugu byombi.

Ku wa 3 Kamena 2025, Perezida Kagame yagiriye uruzinduko muri Algérie rwaranzwe n'ibikorwa byinshi birimo gusura ishuri rikuru ry'icyitegererezo muri Algerie rya National School of Artificial Intelligence, rizobereye mu byo kwigisha ikoranabuhanga cyane cyane irijyanye na AI, ryigamo n'Abanyarwanda.

Yanagiranye ibiganiro na mugenzi we wa Algérie, byibanze ku kurushaho guteza imbere imikoranire hagati y'ibihugu bya Afurika, mu nzego zirimo ubucuruzi bwambukiranya imipaka ndetse no gusangira ubumenyi.

Ambasaderi Karega yahagarariye u Rwanda muri Afurika y'Epfo kugeza mu 2019 ubwo yoherezwaga kuruhagararira muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, ahava mu ku wa 31 Ukwakira 2022 kubera umwuka mubi wari umaze gufata intera hagati y'u Rwanda na n'icyo gihugu.

Ku wa 20 Ukuboza 2024, Amb. Karega yagizwe Ambasaderi wihariye ushinzwe Akarere k'Ibiyaga Bigari.

# Urwego rw'Umuvunyi rwakemuye ibibazo birenga 2 000 mu 2024-2025

**KAYITARE Jean Paul**

***Urwego rw'Umuvunyi rugaragaza ko rwakiriye ibibazo 2 960 muri gahunda yo kurwanya akarengane. Muri ibi bibazo hakubiyemo ibyakiriwe mu Turere 5 twasuwe, ibyakiriwe mu nyandiko no mu buryo bw'ikoranabuhanga ndetse n'imanza zakiriwe zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane.***

Mu bibazo 2 960, ibigera ku 2 179 bingana na 73.6% byarakemutse, mu gihe ibibazo 781 bingana na 26.4% bigikurikiranwa.

Ibi bikubiye muri raporo y'ibikorwa by'Urwego rw'Umuvunyi y'umwaka wa 2024-2025 yatangajwe mu kwezi kwa Nzeri 2025.

Muri gahunda yo kurwanya ruswa, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye runasesengura amakuru ya ruswa ku madosiye 33, harimo 9 yari yatangiye mu mwaka wa 2023/2024.

Muri yo, amadosiye 16 yashyikirijwe Urwego rw'Ubugenzacyaha kugira ngo ruyakorere iperereza ricukumbuye, 10 ashyikirizwa izindi nzego, 3 ntiyabonerwa ibimenyetso bihagije arashyingurwa mu gihe andi 4 agikurikiranwa n'Urwego rw'Umuvunyi.

Raporo y'Urwego rw'Umuvunyi Imvaho Nshya ifitiye kopi, igira iti: "Mu bibazo byakiriwe muri gahunda yo gukumira no kurwanya akarengane, ibyinshi ni ibirebana n'ubutaka bingana na 392 (30%), ibibazo byerekeye imibereho myiza bingana na 245 (18.7%), ibyerekeye kutishimira imikirize y'imaza bingana na 166 (12.7%), imanza zaciwe n'inkiko zitararangizwa zingana na 162 (12.5%)."

Abaturage bagana Urwego rw'Umuvunyi bakiriwe mu mwaka wa 2024-2025 bangana na 2 684 harimo ab'igitsina gore bangana na 1 280 n'abigitsinagabo bangana na 1 404.

Mu mwaka wa 2024-2025, Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye ibibazo 655 byerekeye imanza zisabirwa gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane, izo manza ziyongereye ku zindi 234 zari zarasigaye zidasesenguwe mu mwaka wa 2023-2024, zose hamwe ziba imanza 889 zagombaga gusuzumwa.

Raporo igira iti: "Muri izo manza, izazanywe n'abagabo ni 509, izazanywe n'abagore ni 326 na 54 zavuye mu bigo, inzego za Leta n'iz'abikorera, amashyirahamwe na za Koperative."



Ibibazo birenga 2 000 byakemuwe n'Urwego rwUmuvunyi mu 2024-2025

Mu manza 555 zasesenguwe ziri mu byiciro by'ingenzi bitanu, ari byo imbonezamubano, inshinjabyaha, ubucuruzi, ubutegetsi n'umurimo.

Imanza 500 muri zo, izingana na 90% Urwego rw'Umuvunyi rwasanze nta karengane kagaragaramo rubimenyesha ba nyirazo, imanza 39 zingana na 7% zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane mu Rukiko rw'Ikirenga, naho imanza 16 zingana na 3% zakemukiye mu Buhuza.

Imanza nyinshi mu zasesenguwe, ni iz'imbonezamubano zingana na 383 (69%).

Muri zo, inyinshi ni izerekeye uburenganzira ku butaka, hakiyongeraho iz'izungura, iz'uburengere, kugabana umutungo utimukanwa nyuma y'ubutane n'izerekeye kutanyurwa n'uburyo cyamunara yakozwemo.

Mu manza 39 Urwego rw'Umuvunyi rwasabiye gusubirishwamo ku mpamvu z'akarengane mu Rukiko rw'Ikirenga, iz'imbonezamubano ni 25, iz'ubucuruzi ni 6 iz'inshinjabyaha ni 4, iz'umurimo ni 2 naho iz'ubutegetsi ni ebyiri.

Imanza 889 zasabiwe gusubirwamo ku mpamvu z'akarengane Urwego rw'Umuvunyi rwakiriye, izingana na 330 (37.1%) zavuye mu Nkiko z'Ibanze cyane ko ari nazo Nkiko nyinshi ziri mu Gihugu.

Izavuye mu Nkiko Zisumbuye zingana na 270 (30.3%), iz'Urukiko Rukuru n'ingereko zarwo zingana na 193 (21.7%) naho Urukiko Rukuru rw'Ubucuruzi rukagira imanza zingana na 52 (6%).

# Abarangije kaminuza bahamya ko impamyabumenyi idahagije hakenewe ibikorwa

NYIRANEZA Judith

***Abanyeshuri barangiza muri kaminuza bagenda barushaho gusobanukirwa ko kugira impamyabumenyi bidahagije gusa, mu gihe bataba bashobora gushyira mu bikorwa ibyo bize, bityo bakaba bahamya ko impamyabumenyi nk'urupapuro igomba guherekezwa no gushyira mu ngiro ibyo bize, bikagaragarira mu bikorwa.***


Abanyeshuri bahawe impamyabumenyi bijeje ko bagiye gushyira mu bikorwa ibyo bize

Babibwiye Imvaho Nshya ubwo abanyeshuri 1479 bahabwaga impamyabumenyi mu byiciro bitandukanye no mu mashami atandukanye muri kaminuza ya INES ku wa Gatanu tariki ya 31 Ukwakira 2025.

Umwe mu banyeshuri barangije mu ishami ry'ubwubatsi yavuze ko ubumenyi akuye mu ishuri buzamufasha mu kazi.

Yagize ati: "iyi mpamyabumenyi mbonye, si urupapuro gusa, ahubwo aha mu ishuri mpakuye ubumenyi buzamfasha mu buzima bwo hanze y'ishuri, mu kazi nzashyira mu ngiro ibyo nize.

Nta gushidikanya, hano ku ishuri baduha ibikenewe byose byubaka umuntu ufite ubushobozi, nanjye ubushake ndabufite, nizeye kuzakoresha ubwo bumenyi bukagira uruhare mu iterambere ry'igihugu muri rusange."

Uwamahoro Esther we yavuze ko uretse ubumenyi bahabwa muri INES, banafashwa guhuzwa n'isoko ry'umurimo.

Yagize ati: "kaminuza ya INES ntigarukira ku gutanga amasomo gusa ngo tubone impamyabumenyi kuko inaduhuza n'amahirwe yo kubona akazi cyangwa gukomeza kaminuza.

Bishoboka kuko ishuri riduhuza n'abafatanyabikorwa n'ibindi bigo bitandukanye."

Undi munyeshuri urangije icyiciro cya kabiri cya Kaminuza, mu ishami rya 'Computer Science', we yavuze ko aho Isi igeze, ikoranabuhanga ari moteri y'ubuzima.

Yagize ati: "Isi ya none iyobowe n'ikoranabuhanga, kuba narize 'Computer Science' bizamfasha gukomeza kunguka byinshi bijyanye n'iterambere ry'ikoranabuhanga, kuri ubu ryabaye moteri y'ubuzima.

Umuntu abasha kubika no kubikuza amafaranga akoresheje ikoranabuhanga, kubona amakuru atandukanye, kubona ibyangombwa n'ibindi byinshi."

Dr Theoneste Ndikubwimana ukora mu Nama Nkuru y'Amashuri Makuru na za Kaminuza (HEC), akaba ari Umuyobozi ushinzwe ireme ry'uburezi mu mashuri Makuru, yavuze ko abo barangije amasomo bateye intambwe, ariko abasaba kugaragaza ko koko bafite ubushobozi.

Yagize ati: "Iyi ni intambwe nziza muteye kandi kubona impamyabumenyi ntibihagije gusa, ni urufunguzo rw'ubuzima kandi kugira ngo rufungure, igikenewe ni ukugaragaza icyo iyo mpamyabumenyi ushoboye kuyikoresha."

Yabasabye kurangwa n'indangagaciro kuko zibafasha no mu kazi, gukomeza kwiyungura ubumenyi no guhanga imirimo bagatanga akazi, bityo bagafasha igihugu guhanga imirimo.

Ni ku nshuro ya 17 hatanzwe impamyabumenyi muri INES, aho abanyeshuri bahawe impamyabumenyi 1479 barimo ab'igitsina gore 768 n'ab'igitsina gabo 711 n'abanyeshuri 112 bakomoka mu bihugu by'amahanga 21.

# East Africa University Rwanda yashyize ku isoko ry'umurimo abarenga 500

KAYITARE Jean Paul

***Kaminuza 'East Africa University Rwanda' yashyize ku isoko ry'umurimo abanyeshuri 530 barangije amasomo atandukanye by'umwihariko icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza. Bishimiye urugendo rw'amasomo bamazemo imyaka 3 bityo bakaba bagiye guhangana n'abandi ku isoko ry'umurimo.***

Ibirori byo guhabwa impamyabushobozi z'icyiciro cya Kabiri cya Kaminuza byabereye muri Sitade ya Nyagatare ku wa 31 Ukwakira, witabirwa n'abayobozi batandukanye barimo na Ambasaderi wa Kenya mu Rwanda, Janet Mwawasi Oben, na Ambasaderi w'agateganyo wa Pakistan mu Rwanda, Pervez Bhatti.

Vice Chancellor Prof. Callixte Kabera, yavuze ko ari ibyishimo kuri East Africa University Rwanda gushyira ku isoko abanyeshuri 530 ku isoko ry'umurimo.

Prof. Kabera yashimye imikoranire myiza hagati ya Kaminuza n'inzego za Leta. Yatangaje ko ibirori byo gutanga impamyabushobozi ku banyeshuri barenga 500 byahuriranye no kwizihiza imyaka 10 iyi kaminuza itangiye gukora, ikaba imaze gutanga impamyabushobozi ku byiciro 6 muri iyi myaka 10.

Ati: "Ni imyaka yabayemo kwitanga ariko no gufatanya n'umuryango nyarwanda kumva ko uburezi ari imbaraga z'iterambere. Uburezi si umuntu umwe ahubwo ni urugendo rugenderwa hamwe."

Ahamya ko EAUR ari kaminuza y'icyitegererezo mu Karere ka Nyagatare, agashimira Guverinoma y'u Rwanda binyuze mu Nama Nkuru y'amashuri makuru na Kaminuza (HEC) akizeza ko EAUR izakomeza gushyira mu bikorwa ibyo yasabwa byose.

David Mugabo, umunyeshuri wavuze mu izina ry'abahawe impamyabushobozi, yavuze ko inzozi zabo bazigezeho. Ashimira Ababyeyi babo bababereye umusingi w'ibyo bagezeho.

Darius Nduwumwe urangije muri East Africa University Rwanda yahamirije Imvaho Nshya ko arangije kwiga ibijyanye n'ubugeni akaba ari ibintu bimushimishije.

Ati: "Ni ibintu binshimishije cyane kuba ndangije iki cyiciro cya Kaminuza kuko ni ibintu nahoze nifuza, ariko kuri uyu munsi birarangiye, ni ibintu nishimiye.

Ni ibintu bigiye kumfasha mu buzima bwo hanze bw'ubugeni nakoraga. Ni ikintu kinini cyane kigiye kumfasha mu iterambere ryanjye."

Françoise Tuyishime na we urangije muri iyi kaminuza yishimira ko arangije amasomo ajyanye n'ibaruramari.

Ati: "Nyuma yo kurangiza amasomo yanjye ndumva ngiye gutangira kujya ku isoko ry'umurimo nkashaka akazi, nta nakabonye numva nakomeza nkikorera mu byo nari nsanzwe nkora kuko hari ubumenyi bundi nagiye mbona. Ngiye kubukoresha mu byo nakoraga ku buryo nkomeza kwiteza imbere."

Mu barangije harimo abanyeshuri baturutse mu bihugu 8 birimo nk'u Burundi, Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo, Kenya, Gabon, …

East Africa University Rwanda yatangiye mu 2015, kuri ubu imaze gushyira ku isoko ry'umurimo hafi 2 000.


Abarangije kwiga bishimiye kujya ku isoko ry'umurimo





# U Rwanda rubona AI yakemura ibibazo byugarije ubuhinzi muri Afurika

ZIGAMA Theoneste

***Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi (MINAGRI) Dr Mark Cyubahiro Bagabe, yagaragaje ko ikoranabuhanga ry'ubwenge muntu buhangano (AI) niryimakazwa muri Afurika rizakemura ibibazo bigaragara mu buhinzi, birimo umusaruro wangirika, ubutaka bugunduka n'ibindi.***

Yabigarutseho kuri wa Kane tariki ya 30 Ukwakira 2025, ubwo yafunguraga Inama ya 21 y'Ubufatanye mu Iterambere ry'Ubuhinzi muri Afurika (CAADP) iteraniye i Kigali kuva ku wa 29 ikazageza ku wa 31 Ukwakira 2025.

Inama yitabiriwe n'abayobozi baturutse mu bihugu bya Afurika, abashoramari, abahinzi n'abafatanyabikorwa batandukanye, bagamije kuganira ku buryo bwo kwihutisha iterambere ry'ubuhinzi, kongera umusaruro, kugabanya iyangirika ry'ibihingwa no guteza imbere imirire myiza.

Dr. Bagabe yavuze ko ikoranabuhanga rikenewe cyane mu guteza imbere ubuhinzi muri Afurika, aho rifasha mu gukora ubushakashatsi mu gusazura ubutaka, kumenya ibyakorwa ngo bwere neza n'ibindi.

Yagize ati: "Tugomba kongera ubushobozi mu ikoranabuhanga, ubushakashatsi bushingiye kuri AI, no gufata ibyemezo hashingiwe ku makuru, byose bishyigikiwe n'imikorere myiza y'ikoranabuhanga."

Uwo yavuze ko u Rwanda rwashyizeho ingamba zishingiye ku ikoranabuhanga n'ubumenyi mu guhangana n'ibyangirika.

Yagize ati: "Tugomba kugabanya iyangirika ry'ibihingwa mu gihe cy'isarura. Ubu mu Rwanda ibyangirika nk'ibigori n'ibishyimbo biri hagati ya 10% na 13%. Intego yacu ni uko mu 2029 bizaba byagabanyutse bikagera munsi ya 5%."

Imibare ya MINAGRI igaragaza ko ibigori byangirika ku gipimo cya 13%, ibishyimbo 11.3%, umuceri 12.4%, naho inyanya zigera kuri 33.5%.

Dr Bagabe yashimangiye ko Afurika ishimira u Rwanda ku buryo bushyira mu bikorwa ingamba zifatika zo guteza imbere ubuhinzi no kwihaza mu biribwa.

Yavuze ko nubwo inzara yagabanyutse cyane mu Rwanda no muri Afurika, ingwingira ku bana rikiri ikibazo gikomeye.

Ati: "Nubwo abashonje ari bake, abana bafite ikibazo cy'imirire mibi baracyari hafi ya 30%. Intego yacu ni uko mu 2029 uwo mubare uzaba uri munsi ya 15%."



Minisitiri w'Ubuhinzi n'Ubworozi Dr Cyubahiro Mark Bagabe yavuze ko AI yaba igisubizo mu buhinzi

Mu Rwanda igihembwe cy'ihinga cya 2024 A, ibigori byarageze kuri toni 507.000, bivuye kuri toni 390.000 mu 2023 A, naho ibirayi byarazamutse bigera kuri toni 692.000 ugereranyije na toni 667.000 mu mwaka wabanje.

Abanyafurika biringiye iterambere kuri CAADP

Gahunda igamije guteza imbere ubuhinzi n'ubworozi ya CAADP (Comprehensive Africa Agriculture Development Programme) yashyizweho n'Umuryango wa Afurika Yunze Ubumwe mu 2003 i Maputo muri Mozambiuqe, aho ibihugu 54 byiyemeje kugenera ubuhinzi nibura 10% by'ingengo y'imari y'igihugu buri mwaka.

Mu 2014, i Malabo (Guinée Equatoriale), abayobozi b'Afurika biyemeje kongera ubucuruzi hagati y'ibihugu, kurwanya inzara no kugabanya ubukene, bashimangira ko ubuhinzi ari moteri y'iterambere.

Nyuma y'isuzuma rya 2023 ryerekanye ko ibihugu byinshi bitageze ku ntego za Malabo, Afurika yinjiye mu cyiciro gishya cya Kampala (2025-2035), cyibanda ku mpinduramatwara y'ubuhinzi yihuse, imirire myiza n'ubuhinzi burambye bwihanganira imihindagurikire y'ibihe.

Inama ya 21 ya CAADP PP yateraniye i Kigali yibanze ku gufata ibyemezo bifatika bizafasha gushyira mu bikorwa Gahunda y'imyaka 10 ya Kampala, mu guteza imbere ubuhinzi burambye butanga akazi n'amahirwe mashya, butuma Afurika yose yihaza mu biribwa.


U Rwanda na Yordania byasinyanye amasezerano

# U Rwanda na Yorodaniya mu kwagura ubufatanye mu bucuruzi

NTAWITONDA Jean Claude

***Visi Perezida w'Urugaga rw'Abacuruzi rwa Amman (ACC), Nabil Khatib, yaganiriye na Ambasaderi w'u Rwanda mu Bwami bwa Hashemite bwa Yorodaniya James Ngango, ku gushimangira ubufatanye mu by'ubukungu n'ubucuruzi no gusuzuma amahirwe aboneka mu ishoramari hagati y'ibihugu byombi.***

Itangazo ACC yashyize hanze ku wa 28 Ukwakira, ryagaragaje ko Khatib yavuze ko ibyo biganiro bije ari ibisubizo by'uruzinduko rw'intumwa ya Jordan iherutse kugirira mu Rwanda mu Ukwakira umwaka ushize, rwari ruyobowe na Minisitiri w'Inganda n'Ubucuruzi Yarub Qudah, ari kumwe n'abahagarariye urwego rw'abikorera.

Urwo ruzinduko rwanakorewemo inama ya Komite ihuriweho y'Ubucuruzi n'Ishoramari, ndetse n'Inama y'Ubucuruzi ihuza u Rwanda na Yorodaniya (Jordan).

Ambasaderi Ngango yemeje ko u Rwanda rwiyemeje gushimangira umubano mu by'ubukungu na Jordan no kwagura amarembo y'ubufatanye mu nyungu z'ibihugu byombi.

Khatib na we yavuze ko ibiganiro na Ambasaderi w'u Rwanda ari intambwe igamije gushyira mu bikorwa no kwagura ubufatanye mu bukungu, ubucuruzi n'ishoramari, asaba ko hategurwa imurikagurisha ryihariye ry'ubucuruzi rihuza impande zombi.

Yagaragaje ko urwego rw'ubucuruzi na serivisi rwa Jordan rwiyemeje guteza imbere umubano n'u Rwanda mu nzego zitandukanye, cyane cyane muri iki gihe Isi n'akarere bihanganye n'ibibazo bisaba ubufatanye bukomeye kugira ngo ubukungu burusheho gukomera.

Khatib yongeyeho ko Ambasaderi w'u Rwanda yatanze igitekerezo cyo gutegura ihuriro ry'ubucuruzi rihuriweho ku wa 13 Ugushyingo i Amman, ku bufatanye n'inzego za Leta n'iz'abikorera muri Jordan.

Iryo huriro rikazaba ritegura inama ya Komite ihuriweho na Jordan n'u Rwanda, iteganyijwe kubera i Amman muri Werurwe 2026.

Ambasaderi Ngango kandi yagaragaje ko ihuriro ry'ubucuruzi riteganyijwe rizaba urubuga rw'ibiganiro hagati y'inzego z'ubucuruzi kandi rizafasha mu gushakisha amahirwe y'ishoramari ahuriweho mu nzego zirimo ubuhinzi, ubukerarugendo, serivisi n'ikoranabuhanga.

Iryo huriro kandi rikaba rizongera imikoranire mu bucuruzi hagati y'ibihugu byombi no koroshya imikoranire mu nzego z'ubucuruzi no gushimangira amasezerano y'ubufatanye bw'ahazaza.

# Urubanza rwinjiye mbere ruba rugomba kuburanishwa mbere –Mukantaganzwa

**KAYITARE Jean Paul**

***Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga Domitilla Mukantaganzwa, agaragaza ko gahunda mu iburanisha, ari uko urubanza rwinjiye mbere ari rwo ruba rugomba kuburanishwa mbere, nubwo ngo kutaburanishwa mbere hari igihe bidaturuka ku mpamvu z'Urukiko.***



**Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga, Domitilla Mukantaganzwa**

Yabigarutseho ku wa 31 Ukwakira, mu biganiro yagiranye n'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko ziri mu ifasi y'Urukiko Rukuru urugereko rwa Musanze.

Hagaragajwe ko mu Rukiko rwisumbuye rwa Musanze, hari imanza 1 499, aho imanza z'ibirarane zigera ku 1 096.

Mukantaganzwa avuga ko ingamba zafashwe zo kugabanya ibirarane mu nkiko, bazitezeho gutanga umusaruro.

Ati: "Hafashwe ingamba kuva kera ko nta manza z'ibirarane zigomba gutinda mu nkiko, ni yo mpamvu mwabonye muri raporo batanga, bagenda batanga ibirarane bafite umwaka ku mwaka.

Ziriya manza za kera mwabonye ko ari nke cyane zo mu 2022, ni zo baheraho bakazirangiza kuko n'ubundi gahunda mu iburanisha ni uko urubanza rwinjiye mbere ruba rugomba kuburanishwa mbere.

Hari igihe bidaturuka ku mpamvu z'urukiko, bigaturuka ku mpamvu z'ababuranyi hakagenda habaho isubikwa, ibyo rero bigatera gutuma imanza zisigara inyuma, hakaburanishwa izindi."

Perezida w'Urukiko rw'Ikirenga asobanura ko urubanza rwose rumaze amezi atandatu rutaraburanishwa rufatwa nk'ikirarane.

Agira ati: "Ubundi amezi atandatu si igihe kirekire ariko hagamijwe gutanga serivisi yihuse mu bucamanza, twihaye iyo ntego tubigendereye kugira ngo abacamanza bacu bajye bacira abaturage imanza ku buryo bwihuse aho kugira ngo turindire ayo mezi 6."

Bimwe mu bibazo byagaragajwe mu biganiro yagiranye n'abacamanza n'abandi bakozi b'inkiko ziri mu ifasi y'Urukiko Rukuru urugereko rwa Musanze, birimo ko uru Rukiko rufite imanza 1 214, aho 95% ari nshinjabyaha, mu gihe 5% ari mbonezamubano.

Uru rukiko kandi muri izo manza z'ibirarane rufite, izigera kuri 585 zibarwa kuva mu 2022. Imanza 97% muri izo, ni iz'inshinjabyaha naho 3% zisigaye zikaba imbonezamubano.

Ibyaha byiganje muri izi manza zararanye, ni izijyanye n'ibiyobyabwenge, gusambanya abana, ubujura, ubwicanyi no gukubita no gukomeretsa.

# Rusizi: Yacucuye nyirabuja wamukoreshaga atazi aho akomoka

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Umukobwa w'imyaka 18 wakoraga akazi ko mu rugo rwa Ayinkamiye Laurence w'imyaka 28 mu Mudugudu wa Kamabuye, Akagari ka Nyange, Umurenge wa Bugarama, Akarere ka Rusizi, yatawe muri yombi akekwaho gucucura nyirabuja yiba ibyo mu nzu birimo imyambaro n'amafaranga akigendera.***

Ayinkamiye Laurence uvuga ko atari azi iwabo w'uyu mukobwa, yatabaje ubuyobozi bw'Umurenge wa Bugarama ngo bumufashe kumushakisha, nyuma y'uko yari amaze kumwiba.

Yavuze ko yari yagiye mu mirimo ye nk'ibisanzwe amusize mu rugo, dore ko ngo yari yaramwizeye yumva nta kibazo bafitanye, yagaruka akamubura na bimwe mu byari mu nzu akabibura.

Ati: "Natashye muhamagaye ndamubura, nsanga inzu ikinze, ndeba hose ndaheba, nibaza ko yaba hari aho yerekeye mu baturanyi na ho ndaheba, nkinguye ninjiye nsanga aho nari nasize amafaranga 20.000 ntayahari."

Yongeyeho ati: "Nahise nkomeza ndeba mbura n'ibindi birimo amakanzu yanjye atatu, amapantalo abiri, n'imipira ibiri y'imbeho. Nahise numva mbaye nk'utaye umutwe sinakomeza kureba ibyibwe byose, mpita ntabaza ubuyobozi bw'Umurenge ngo bumbarize mu wa Gikundamvura kuko numvaga avuga ko ari ho iwabo ariko ntahazi kuko namufashe agenda atyo avuye ahandi yakoraga."

Bivugwa ko uwo mwana w'umukobwa yinjiye mu kazi ko mu rugo ataye ishuri, ndetse umwe mu baturanyi b'iwabo mu Murenge wa Gikundamvura yavuze ko urugo yibye rwari nk'urwa gatanu amaze gukoramo.

Ati: "Uru rugo ni nk'urwa 4 cyangwa urwa 5 yari agiyemo kuko ntaho atinda. Iby'ishuri yarabiretse atangira kutumvira ababyeyi bashakaga ko yiga akarangiza nibura ayisumbuye, ava iwabo atangira aka kazi ko mu rugo. Iby'ubujura birashoboka ko n'aho yakoze mbere yabikoraga bagaceceka cyangwa ntibimenyekane ariko imyitwarire ye iteye inkeke."

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gikundamvura Sindayiheba Aphrodice, yabwiye Imvaho Nshya ko uyu mukobwa yafashwe ku bufatanye n'ubuyobozi bw'Umurenge wa Bigarama bwababahaye aya makuru bumushakisha.

Ati: "Twageze iwabo turahamusanga abanza guhakana kwiba aho yakoraga, yemera ariko ko yahakoraga, akagira ibyo yemera n'ibyo ahakana, dufata umwanzuro wo kumushyikiriza RIB ngo agaragaze aho yashyize ibyo avugwaho kwiba muri urwo rugo byose cyangwa icyamuteye kuhava."

Yasabye abaturage bakoresha abakozi, ni ukujya babanza kumenya imyirondoro yabo.

Ati: "Icya mbere dusaba abakoresha abakozi haba mu ngo, mu kuragira amatungo cyangwa ahandi, ni ukubanza kumenya imyirondoro yabo. Byanaba byiza bakoresheje abo ababyeyi babo babahaye, bazi neza imyitwarire yabo."

Yavuze ko uko yamuganirije yahakanaga ariko nyuma kemera ko yari azi aho ibyo byibwe byari biherereye, ubwo ubushishozi bw'ubugenzacyaha buzagaragaza ukuri.

Mu Murrenge wa Bugarama hakunze kugera abimukira benshi barimo n'abaza bakora akazi ko mu ngo baturutse ahandi, ubuyobozi bwagiye buyobora uyu Murenge ibihe bitandukanye bukavuga ko ari ikibazo gihangayikishije kuko muri aba hazamo n'abafite imiziro ahandi bakamera nk'abihishe mu Murenge wabo kubera imirimo ihaboneka baba bakora.

Abawutuye bakavuga ko iki kibazo gikwiye gushakirwa igisubizo kirambye kuko kigira ingaruka nyinshi, zirimo ubuharike n'ubushoreke, abana b'abakobwa bahatererwa inda zitateganyijwe n'izindi ngeso.



**Uyu yari umukozi wo mu rugo wibye aho yakoraga akigendera, ariko nyuma agafatwa**





# Karongi: Hafashwe imitego yangiza umusaruro w'uburobyi abayikoreshaga baracika



**Imitego ya ba rushimusi barobesha imitego itemewe yarafashwe, ariko ba rushimusi baracika**

**BAHUWIYONGERA Sylvestre**

***Ubwo ba rushimusi bari bitwikiriye ijoro barobesha imitego itemewe ya supaneti (ibingumbi) yangiza utwana tw'indugu n'isambaza mu kiyaga cya kivu,igice cy'Umurenge wa Gishyita, Akarere ka Karongi, bagoswe n'abarobyi, inzego z'umutekano n'abandi baturage, baracika, imitego yabo irafatwa.***

Umurobyi urobera mu gice cyegereye icyambu cya Gitonde, Umudugudu wa Kamunungu, Akagari ka Musasa muri uwo Murenge, wahaye aya makuru Imvaho Nshya, yavuze ko amakuru amaze gutangwa ko hari ba rushimusi barimo barobesha imitego itemewe, Inzego zitandukanye zicunga umutekano n'abaturage rabahageze ngo babagwe gitumo, ariko baracika imitego irasigara.

Ati: "Dukeka ko ari abo mu Kagari ka Nyagatovu, Umurenge wa Mubuga bari baje kwangiza utwana tw'isambaza n'indugu hano mu mazi y'igice cya Gishyita. Baducitse bose ntitwafata n'umwe imitego bayita aho.

Baracyashakishwa n'inzego z'umutekano. Turizera ko bashobora gufatwa kubera ibimenyetso bagiye basiga bishobora gutuma tubamenya, tukabatahura."

Mugenzi we na we w'umurobyi, we yagize ati: "Duhora duhanganye na bo ku bufatanye n'izindi nzego zirimo iz'umutekano dushimira cyane, ntidusinzira. Bagerageza gushaka uburyo baduca mu rihumye, ariko kubera ko twamaze gutahura inzira bacamo zose barimo na bamwe mu barobyi bagenzi bacu, ntibikiborohera nka mbere, ni yo mpamvu bagerageza amasaha yose y'ijoro, bikanga bikabagora."

Yongeyeho ati: "Imitego twafashe y'ibingumbi twasanze ikingumbi kimwe kigizwe na supaneti 13 zizingiye hamwe. Uko utwiso twa supaneti tuba ari duto cyane,ni ko dusakuma umusaruro wose wagombye gusarurwa igihe kirekire."

Aba barobyi bashima uburyo inzego zose z'aka karere zahagurukiye ikibazo cya ba rushimusi bangiza umusaruro w'uburobyi, ko bizatuma ba rushimusi babura amahwemo.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Gishyita, Niyigena Afisa, yavuze ko imitego yafashwe yose yakuwe mu kiyaga cya Kivu ikajyanwa aho isanzwe ikusanyirizwa mbere yo kwangizwa.

Ati: "Twarabahagurukiye, dusanzwe duhanganye na bo. Twarahageze bariruka ibikoresho byabo birafatwa, turizera ko na bo bazafatwa bakigishwa kureka gukomeza kwangiza biriya binyabuzima byo mu mazi bitunze benshi."

Umuvugizi wa Polisi mu Ntara y'Iburengerazuba,SP Sylvestre Twajamahoro, yavuze ko ikibazo cya ba rushimusi kitari mu Karere ka Karongi gusa, kinagaragara mu Turere twose dukora ku Kivu, asaba abaturage kwirinda kuroba binyuranyije n'amategeko.

Yagize ati: "Abaturage birinde kujya mu mazi binyuranije n'amategeko. Abaroba barobe mu buryo bwemewe, bibumbire mu makoperative kandi bambare imyambaro yabugenewe."

Umuyobozi Mukuru wa RAB w'agateganyo, Dr Uwituze Solange yari aherutse kuvuga ko ifungwa ry'ikivu ryari ryabaye muri aka karere ka karongi harobwa ibilo bitarenze 600, ku munsi wa mbere w'ifungura hakaba hararobwe ibilo 1121,5 biturutse ahanini ku ngamba zafashwe zo guhangana na ba rushimusi.



**Ibiti byubatse ikiraro byaraboze, hakenewe kucyubaka bushya**

# Musanze: Nyange barasaba gusanirwa ikiraro kimaze imyaka 20

**NGABOYABAHIZI Protais**

***Abaturage bo mu Murenge wa Nyange, mu Karere ka Musanze, barasaba ubuyobozi kubasanira ikiraro cyashaje gihuza Imidugudu ya Gisigwa, Nyakagezi na Kiriza yo mu Kagari ka Ninda, bavuga ko giteza impanuka zidasanzwe no kubangamira ubuhahirane n'imigenderanire.***

Iki kiraro cyubatswe hashize imyaka irenga 20, ibiti bicyubatse bitambitse hejuru y'umugezi wa Rwebeya byarangiritse, ku buryo ubu abahatuye bavuga ko gihangayikishije cyane kuko kimaze guteza impanuka nyinshi, harimo no gutwara ubuzima bw'abantu.

Bavuga ko abagore babiri bahaguye bagapfa, ndetse umunyonzi n'umubyeyi umwe baherutse kuhakomerekera bikomeye. Ibyo bituma abaturage basaba ubuyobozi ko hafatirwa ingamba zihutirwa.

Uwitwa Mukansanga Vestine, umwe mu baturage bo mu Mudugudu wa Nyakagezi, yagize ati: "Iki kiraro cyarashaje cyane, iyo imvura iguye nta muntu ushobora kukinyuraho. Ababyeyi benshi twiyemeje kujya duherekeza abana bajya ku ishuri cyangwa kubakura ku ishuri kugira ngo tudatakaza ubuzima bwabo. Turifuza ko batwubakira ikiraro kigezweho kugira ngo dutekane."

Ku ruhande rw'abarezi, Murekatete Claudine, umwarimu ku ishuri rya Ninda, avuga ko iki kibazo kibangamiye ireme ry'uburezi

Yagize ati: "Abana benshi basiba ishuri mu gihe cy'imvura kubera ko batabasha kwambuka. Hari n'abaza batose imyenda yabo yanduye cyane, ibitabo n'ibindi bikoresho by'ishuri byangiritse. Birababaje kubona umwana ahura n'ibyo byose kubera ikiraro cyashaje."

Akomeza avuga ko ngo uretse impanuka, iki kiraro kibangamira n'ubuhahirane kuko ari cyo gihuza abaturage n'isoko rya Nyange ndetse n'amashuri aherereye muri ako gace.

Uwanyirigira Clarisse, Umuyobozi w'Akarere ka Musanze wungirije ushinzwe iterambere ry'ubukungu, avuga ko iki kibazo kizwi kandi cyashyizwe muri gahunda y'ibikorwa byo gusana ibiraro mu ngengo y'imari y'umwaka wa 2026.

Yagize ati: "Hariya muri Nyange by'umwihariko, ku bufatanye na REMA, tugiye kuhasana kuko ubona ko hegereye Pariki y'Igihugu y'Ibirunga. Tugiye kuhasura kuko cyane cyane aho abana banyura bajya kwiga, urumva ko n'ababyeyi bibasaba umwanya wo kubajyana no kubakurayo. Ibi biraro biri muri gahunda yacu yo kubisana mu gihe cya vuba."

Abaturage bo muri Nyange bakomeza gusaba ko ibikorwa byo gusanwa byihutishwa, kugira ngo birindwe impanuka, imfu n'ibibazo by'imigenderanire bahura nabyo buri munsi, cyane mu bihe by'imvura.

# Sgt. Maj. Gashugi witandukanyije na FDLR afite umutungo wa miliyoni 20 Frw



Sgt Maj Gashugi avuga ko intangiriro y'urugendo rw'iterambere yabaye ubufasha yaherewe mu Kigo cya Mutobo

NGABOYABAHIZI Protais

***Kuva mu gihe cy'Abacengezi kugera ku ishingwa ry'umutwe w'iterabwoba wa FDLR mu 2000, Sergent Major Gashugi Faustin yari mu barwanyi b'imbere batifurizaga ineza u Rwanda rwabohowe na RPF Inkotanyi, ariko nyuma yo kubona ko ibyo arwanira ari amafuti agatahuka, ubuzima bwe bwarahindutse.***

Uwo mugabo w'imyaka 60 uvuka mu Karere ka Nyaruguru yatahutse mu 2002, mu cyiciro cya kabiri cy'abitandukanyije n'imitwe yitwaje intwaro mu mashyamba ya Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC), none uyu munsi atunze ibifite agaciro ka miliyoni zisaga 20 z'amafaranga y'u Rwanda.

Ubuhamya bwa Sergent Major Gashugi Faustin, wahoze mu ngabo za Leta yateguye ikanashyira mu bikorwa Jenoside yakorewe Abatutsi (Ex-FAR), bwakoze ku mitima y'abahoze mu mitwe yitwaje intwaro barimo FDLR, Nyatura na Mai-Mai ubwo basozaga amasomo yabo mu Kigo cya Mutobo, agamije kubasezerera no ku basubiza mu buzima busanzwe.

Muri ubwo buhamya yatanze ku basozaga icyiciro cya 75 ku wa Kane tariki ya 30 Ukwakira 2025, yavuze ko intangiriro y'urugendo rw'iterambere yabaye ubufasha yaherewe mu Kigo cya Mutobo.

Ati: "Natahanye umutima w'ibyishimo. Nahawe ibihumbi 60 byo gutangirana ubuzima bushya, ariko ni ayo yahinduye amateka yanjye."

Avuga ko ayo mafaranga yayaguzemo ibikoresho by'ubuhinzi, ndetse ahabwa n'akazi mu kubaka umuhanda wa Mpazi–Rusororo.

Amahirwe y'ubutaka n'ubumenyi yakuye mu Kigo cya Mutobo yamufashije gutera imbere, ubu ni umuhinzi w'imboga, imbuto, imyumbati n'urutoki, akinjiza agatubutse.

Gashugi avuga ko buri munsi agurisha imboga i Nyabugogo mu Mujyi wa Kigali, zifite agaciro k'ibihumbi 60 by'amafaranga y'u Rwanda, kandi mu kwezi akinjiza amafaranga arenga miliyoni 1,8.

Afite abakozi 10 bahoraho na banyakabyizi 30 ahemba buri munsi, we ubwe akaba yigenera umushahara w'amafaranga y'u Rwanda 500 000 buri kwezi.

Yatangiye ahinga kuri are 20, ariko ubu afite hegitari 5 z'ubutaka, yubatse inzu nziza kandi umutungo we ugeze kuri miliyoni 20 Frw.

Ati: "Natangiriye ku bihumbi 60, none ubu ndi umucuruzi n'umuhinzi witeje imbere, mbikomora ku buhinzi bwa kinyamwuga. Abari mu mashyamba nabagira inama yo gutaha kuko iterambere riri mu mahoro, si mu ntambara."

Bamwe mu bavuye muri FDLR basezerewe mu cyiciro cya 75, bashimangira ko ubuhamya bwa Gashugi bwabateye icyizere n'imbaraga

Solda Mukamana Claudine, yagize ati: "Umugabo wanjye yaguye mu mashyamba ya Congo, nsigara ndi jyenyine n'abana icyenda. Natahukanye na bo nta cyo mfite, ariko ubu mfite icyizere.

Abatashye mbere yanjye banyeretse ko bishoboka gutangirira ku bintu bike ukagera kure, kuko Gashugi ni urugero rufatika. Twabeshywe byinshi cyane kuko batubwiraga ko we yageze mu Rwanda bakamwica."

Minisitiri w'Ubutegetsi bw'Igihugu, Habimana Dominique, yijeje abasoje amasomo muri icyo cyiciro ko bafite umutekano usesuye mu Rwanda kandi abasaba gukoresha neza amahirwe bahawe yo kubaka ubuzima bushya.

Yagize ati: "Leta y'u Rwanda izakomeza gushyira imbaraga mu bikorwa byo gufasha buri wese wifuza kwitandukanya n'imitwe yitwaje intwaro aje gufatanya n'abandi kubaka u Rwanda. Muhumure mwageze mu rwababyaye, kandi ruzakomeza guharanira ko mubaho neza mugende mube umusemburo w'amahoro mu bo musanze mu muryango Nyarwanda muharanire kwiteza imbere."

Imibare itangazwa na Komisiyo Ishinzwe gusezerera no Gusubiza mu Buzima Busanzwe abahoze mu Ngabo (RDRC) igaragaza ko kugeza ubu, abamaze kuva mu mashyamba ya Congo bagasubizwa mu buzima busanzwe barenga ibihumbi 12.



Abaruturiye urugomero rwa Giciye ya II ntibagerwaho n'umuriro w'amashanyarazi

# Nyabihu: Abaturiye ingomero za Giciye bamaze imyaka 15 mu icuraburindi

NGABOYABAHIZI Protais

***Bamwe mu baturage bo mu Murenge wa Jomba, mu Karere ka Nyabihu, baturiye ingomero ebyiri za Giciye (iya mbere n'iya kabiri) bavuga ko babangamiwe no guturana na zo ariko bakaba batagira umuriro w'amashanyarazi hakaba hashize imyaka irenga 15 bawusaba.***

Bavuga ko ari ibintu bibabaje kubona insinga zibaca hejuru zijya mu yindi Mirenge, bo bagasigara mu mwijima, nyamara ari bo begereye izo ngomero kandi bibangamira iterambere ryabo mu buryo bukomeye.

Mukandayisenga Claudine, yagize ati: "Birababaje kubona insinga z'amashanyarazi zica hejuru y'inzu zawe ariko ntuhabwe umuriro. Nta televiziyo tugira, ntitwumva radiyo, abana bacu ntibasubira mu masomo kuko nijoro haba ari umwijima. Uko imyaka ihita indi igataha tuba mu kizima."

Nsengimana Theoneste, umucuruzi muri ako gace, ati: "Iyo bwije saa kumi n'imwe tuba dutangiye gufunga amaduka kubera umwijima. Nta mashini zisya dufite, nta salo zitunganya imisatsi, nta n'ubundi bucuruzi bushingiye ku mashanyarazi bushoboka. No kubona serivisi z'Irembo biraduhenda kuko tugomba kujya mu yindi Mirenge dutegesheje amafaranga menshi, tubonye umuriro byose twabigeraho."

Abaturage bongeraho ko bakoresha peteroli n'ibishishimuzo bituma bahura n'indwara z'ubuhumekero, kandi bigatuma n'urubyiruko rudashobora kwihangira imirimo ishingiye ku mashanyarazi.

Umuyobozi wungirije w'Akarere ka Nyabihu ushinzwe iterambere ry'ubukungu Habanabakize Jean Claude, yemeza ko iki kibazo kizwi kandi kiri mu nzira yo gukemuka.

Yagize ati: "Mu Karere ka Nyabihu ntabwo twari twagera ku mubare munini w'abaturage bafite umuriro w'amashanyarazi, ariko hari umushinga uri gushyirwa mu bikorwa ugamije gukwirakwiza amashanyarazi mu gihe cy'imyaka itanu. Abo baturage bo muri Jomba bazasurwa, turebe niba koko ari ngombwa kuhabageza umuriro bitewe n'uburyo

KOMEZA KU RUP.17





# Karongi: Umaze imyaka 31 yihishahisha kubera uruhare yagize muri Jenoside yafatiwe ku Murenge

BAHUWIYONGERA Sylvestre

***Ndindabahizi Faustin w'imyaka 62 wari umaze imyaka 31 yihishahisha kubera uruhare akekwaho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yafatiwe ku Biro by'Umurenge wa Rubengera mu Karere ka Karongi aje gusaba serivisi z'ubutaka.***

Akomoka mu Mudugudu wa Kabeza, Akagari ka Kibirizi, Umurenge wa Rubengera, yatangiwe amakuru n'abantu bamuzi neza n'uburyo yafatanyije gukora Jenoside na murumuna we Sebera Appolinaire w'imyaka 58, na bakuru be.

Umuturanyi wabo Mukakimenyi Suzanne w'imyaka 73, ahamya ko bamwiciye umugabo n'abana batatu muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994 barangiza bagahungira muri Repubulika Iharanira Demokarasi ya Congo (RDC).

Yagize ati: "Jenoside yabaye mfite umugabo n'abana icyenda. Uwo Ndindabahizi afatanyije na murumuna we Sebera Appolinaire na bakuru be, bicamo batatu na se ubabyara. Baradusenyeye baranadusahura nanjye barampiga bikomeye n'abandi bana banjye, ndabahungana bo ngira amahirwe bararokoka."

Yakomeje avuga ko nyuma y'urugamba rwo guhagarika Jenoside, urukiko Gacaca rwakatiye Ndindabahizi gufungwa imyaka 30 adahari kubera uruhare yagize muri Jenoside yakorewe Abatutsi.

Ati: "Urukiko gacaca rwa Kibirizi rwamukatiye adahari imyaka 30 kubera abo bana banjye yishe, harimo n'ibindi byaha yashinjwaga binarimo gusahura, kudusenyera, kuturira inka, n'abandi yishe cyangwa yicishije muri Jenoside. Dosiye ye irahari byose biranditse."



Ndindabahizi Faustin w'imyaka 62 wari umaze imyaka 31 yihishahisha kubera uruhare akekwaho muri Jenoside yakorewe Abatutsi mu 1994, yatawe muri yombi

Avuga ko umugore wa Ndindabahizi ari we wabanje gutahuka, aho kuza muri Rubengera bari batuye ajya iwabo mu Mudugudu wa Kamihaho, Akagari ka Gitega, Umurenge wa Gitesi.

Ndindabahizi we yahungutse mu 2021 amusangayo aba ari ho babana mu ibanga ku buryo yajyaga aboneka rimwe na rimwe ariko bamutangaho amakuru kugeza ubwo yizanye ku Biro by'Umurenge.

Mukakimenyi ati: "Amakuru ye nayamenye bwa mbere ngiye kwivuza mu Bitaro bya Kibuye mpahurira n'umugore witwa Chantal ambwira ko ajya amubona, anazi aho atuye ariko asohoka mu nzu gake.

Imitungo yabo irimo n'isambu iri imbere y'iwanjye ni umugore wazaga kuyigurisha, abo bayigura bamara kwemeranywa, umugabo akaza rwihishwa, bakabaha amafaranga bakagenda."

Avuga ko yabonaga uwo mugore cyane akibwira ko umugabo ataratahuka, amasambu yabo amwe arinda agurishwa hari abamukingira ikibaba banayaguraga.

Mukakimenyi yabwiye Imvaho Nshya ko yishimiye cyane ifatwa ry'uwamwiciye muri Jenoside, ko yiteguye kongera kumushinja ku bugome bwose yakoreye mu yari Komini Mabanza y'iyari perefegitura ya Kibuye.

Uhagarariye Ibuka mu Murenge wa Rubengera Byiringiro Jean Pierre, yavuze ko nubwo uyu mugabo yakomeje kwihishahisha, aho amakuru amenyekaniye, atanzwe na Mukakimenyi Suzanne, ukuri kwayo kwakomeje gukurikiranwa.

Ati: "Ubwo twari mu nteko rusange y'abagenerwabikorwa ba MINUBUMWE hagati muri uku kwezi k'Ukwakira 2025, uwitwa Mukakabera Domina warokotse Jenoside yakorewe Abatutsi, yatubwiye ko amakuru ari impamo, uwo mugabo ahari, ko na we ajya aza kubakisha aho mu isambu yabo i Rubengera, no gufata amafaranga y'imitungo aba yagurishije rwihishwa hagaragaye umugore we agiye kuyimaraho."

Ubuyobozi bw'Umuryango Ibuka buvuga ko bwashimishijwe n'uko nyuma yo gukurikirana amakuru ye bamufashe akaba yafashwe agashyikirizwa Urwego rw'Ubugenzacyaha (RIB).

Ibuka yasabye ko abaguriye uyu mugabo iyi mitungo rwihishwa bahamagazwa, hakarebwa niba nta ruhare bashinjwa muri Jenoside yakorewe Abatutsi, niba baguraga iyi mitungo batazi ko nyirayo yakoze Jenoside cyangwa niba hari ikindi cyari kibyihishe inyuma.

Umunyamabanga Nshingwabikorwa w'Umurenge wa Rubengera Ayabagabo Faustin, yavuze ko uyu mugabo yafatiwe ku Biro by'Umurenge aje muri serivisi z'iherekanya ry'ubutaka yari yaragurishije rwihishwa.

Ati: "Yafatiwe ku Biro by'Umurenge wa Rubengera muri serivisi z'ubutaka aje mu ihererekanya ryabwo. Turashimira cyane abaturage batanze amakuru yatumye afatwa ataragira ubundi bugome akora. Agifatwa yahise yemera ataruhanyije uruhare rwe muri Jenoside yakorewe Abatutsi, avuga n'abo bafatanyije barimo abavandimwe be bakihishahishe mu mashyamba ya RDC, n'uburyo yihishahishaga, ko byose yiteguye kubishyira hanze,birimo n'abo bafatanyije bakihishahisha hirya no hino."

Ayabagabo yibukije abaturage ko Jenoside ari icyaha kidasaza, ufite amakuru wese ku wihishahisha yayatanga kugira ngo afatwe abibazwe.

## Nyabihu: Abaturiye ingomero za Giciye bamaze imyaka 15 mu icuraburindi

IBIKURIKIRA URUP.16

batuye. Gusa ntibagire impungenge, ikibazo cyabo kirazwi kandi kizakemuka."

Jean Claude Habimana, Umukozi wa REG mu Karere ka Nyabihu yasabye abaturage kwihangana mu gihe barimo gutegura uburyo burambye bwo gukemura icyo kibazo.

Yagize ati: "Ntabwo ikibazo cy'abaturage bataragerwaho n'amashanyarazi muri Nyabihu gifitwe n'abaturage ba jomba gusa ni ikibazo rusange no mu yindi Mirenge. Umushinga dufite kuri ubu ni wo uzakemura iki kibazo nasaba abaturage kuba bategereje kuko ibikorwa birakomeje."

Ingomero ebyiri za Giciye I na Giciye II ziri mu Karere ka Nyabihu, zikoresha amazi y'umugezi wa Giciye, kandi zifite ubushobozi bwo gutanga amashanyarazi menshi ku rwego rw'Igihugu.

Aho Giciye I, iherereye mu Murenge wa Rurembo, ifite ubushobozi bwa 4 MW; Giciye II na yo iri hafi aho, ifite ubushobozi bwa 4 MW.

Zombi zubatswe mu rwego rwo kongera amashanyarazi ku muyoboro mugari w'Igihugu, ariko abaturage bo muri Jomba bavuga ko bataragerwaho n'uwo muriro, kuko insinga ziwutwara zibaca hejuru zijya mu yindi Mirenge.

Kugeza ubu, Akarere ka Nyabihu kari ku gipimo cya 80,4% by'ingo zifite amashanyarazi, ariko bamwe mu batuye hafi y'ingomero za Giciye baracyategereje umucyo.

# Uko isoni zatumye Israel Mbonyi yakirira agakiza mu bwiherero



Israel Mbonyi yabwiye abakiri bato bari mu buhanzi ko impano yonyine idahagije ihabwa umurongo n'ibyo umuntu yiga mu ishuri

MUTETERAZINA Shifah

***Umuhanzi wamamaye mu ndirimbo zo kuramya no guhimbaza Imana Israel Mbonyi, yatangaje ko yakiririye agakiza mu bwiherero bwo ku ishuri kubera gutinya ko bibaza impamvu yatinze gukizwa.***

Uyu muhanzi yabigarutseho ubwo yari mu gitaramo cya Gen-z Comedy cyabaye mu ijoro ryo ku wa 30 Ukwakira 2025, ubwo yari yatumiwe nk'umuhanzi wifujwe n'abakunzi b'ibyo bitaramo.

Ubwo yabazwaga igihe yakirijwe akatura ko yakiriye Yesu nk'Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwe, Israel Mbonyi yasubije ko byabaye ubwo yigaga mu mashuri y'isumbuye.

Yagize ati: "Navukiye mu muryango ukijijwe, ariko uburyo nakijijwe nari mfite imyaka 16. Nari ku ishuri, haza umugabo arabwiriza aravuga ngo niba utaratura ngo uvuge ko Yesu ari Umwami n'Umukiza w'ubugingo bwawe ntabwo urakizwa."

Akomeza avuga ko byamuteye isoni kubivugira mu ruhame kandi amaze igihe ari umuramyi, agahitamo kujya kubivugira ahiherereye.

Ati: " Icyo gihe rero ndagenda nikingirana ahantu mu bwiherero bumwe mu bwabaga ku ishuri, ndavuga nti Mana niba ibintu uriya mugabo arimo kuvuga ari byo, nanjye umpe gukizwa."

Mu byo Mbonyi yagarutseho yanashimangiye ko kugira impano gusa bidahagije ahubwo uba ukeneye no kwiga kugira ngo ishuri rizagufashe guha umurongo iyo mpano yawe.



Kuba Mbonyi yari amaze igihe ahimbaza akanaramya Imana byamuteye isoni kwihanira mu ruhame

Ubwo yasabwaga kugira inama abakiri bato bakeneye gutera imbere ashingiye ku bunararibonye bwe, Israel Mbonyi yifashishije inkuru yo muri Bibiliya ivugwamo Inzozi z'umwami warose inka zirindwi zishishe zimirwa n'izindi zirindwi zinanutse (imiguta).

Anagaragaza ko mu kuzirotora Bibiliya igaragaza ko Yozefu ari we wazirotoye (....) akagaragariza umwami ko inka zishishe ari igihe cy'imyaka irindwi y'uburumbuke kandi izindi zirindwi zinanutse ari imyaka irindwi y'amapfa bityo hakenewe kuzahunika imyaka izabatunga muri iyo myaka irindwi y'amapfa.

Ati: "Iyo nkuru icyo yanyigishije ni uko umuntu wese mu murimo Imana imuhaye, imuha igihe cyo kurumbuka, ariko kubera ko tuba mu Isi aho igihe ari we mwami uyoboye byose hajya habaho n'amapfa.

Rero igihe ubona uri mu myaka y'uburumbuke, Imana irimo kugukoresha ibyo ukoze ukabona birakunzwe, ugomba guhunika ibizagutunga mu gihe byanze."

Israel Mbonyi ataramiye muri Gen-Z nyuma y'uko amaze iminsi amuritse Alubumu ya gatanu yise 'Hobe' akaba arimo no gutegura igitaramo icyambu Live Concert IV gisanzwe kiba tariki 25 Ukuboza 2025.

Ni igitaramo cyanitabiriwe n'abaramyi batandukanye bari Jesca Mucyowera, Prosper Nkomezi, Alexis Dusabe na Aline Gahongayire.

Abitabiriye igitaramo cya Gen-Z Comedy banyuzwe no gutaramirwa n'uyu muramyi mu ndirimbo zirimo Number One, Nina Siri, Icyambu, Uwe Hai n'izindi.



Ni igitaramo kitabiriwe n'abahanzi batandukanye barimo Prosper Nkomezi, Alexis Dusabe, Jesca Mucyowera, Aline Gahongayire n'abandi





# APR FC yaguye miswi na Rutsiro FC

SHEMA Ivan

***APR FC yanganyije na Rutsiro FC igitego 1-1 mu mukino w'umunsi wa gatandatu wa Shampiyona, yuzuza umukino wa kabiri wikurikiranya itabona amanota atatu.***

Uyu mukino wabereye kuri Stade Umuganda, kuri uyu wa Gatandatu, tariki ya 1 Ugushyingo 2025.

Rutsiro FC yari mu rugo yatangiye umukino isatira harimo umupira Arigo Obus Godspower yinjiranye mu rubuga rw'amahina awuha Mumbele Jeremie ateye mu izamu uca ku ruhande.

Ku munota wa 30, APR FC yaherekanyaga neza ariko ntireme uburyo bwo gutsinda igitego.



APR FC yagabanye amanota na Rutsiro FC

Ku munota wa 32, APR FC yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Denis Omedi ku mupira winjiranywe na Kiwanuka ubwugarizi bwa Rutsiro FC bunaniwe kwihagararaho.

Ku munota wa 40, Niyigena Clement yatakaje umupira, akurura Mumbele Mbusa Jeremie wari umucitse bari ku murongo w'urubuga rw'amahina, umusifuzi yemeza penaliti.

Iyi penaliti yinjijwe neza na Nizeyimana Jean Claude bakunze kwita "Rutsiro'

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1.

Mu igice cya kabiri, APR FC yakomeje gusatira harimo umupira Denis Omedi yakinnye n'igituza na Lamine Bah wateye ishoti, umupira ujya hanze.

Ku munota wa 65, umutoza wa APR FC, Taleb Abderrahim yakoze impinduka Mugisha Gilbert na Omborenga Fitina basimbura Ngabonziza Pacifique na Byiringiro Jean Gilbert.

Ku munota wa 75, Hakim Kiwanuka wa APR FC yahinduye umupira mu rubuga rw'amahina, Togui awushyize mu izamu n'umutwe, umusifuzi wo ku ruhande agaragaza ko hari habayeho kurarira.

Iminota 10 ya nyuma y'umukino yihariwe na APR FC yashakaga igitego cyo kwishyura ariko ubwugarizi bwa Rutsiro FC bukomeza guhagarara neza.

Umukino warangiye amakipe yombi anganyije igitego 1-1.

APR FC yujuje umukino wa kabiri inganya, nyuma yo kunganya na Kiyovu Sports ndetse igira amanota umunani n'umwanya wa karindwi.

Rutsiro FC yagize amanota abiri ku mwanya wa nyuma.

Indi mikino yabaye uyu munsi, Amagaju FC yatsindiwe mu rugo na Musanze FC ibitego 2-0 naho Police FC yanganyije na Mukura VS igitego 1-1.

Police FC yagize amanota 16 ku mwanya wa mbere, Mukura VS igira icyenda ku mwanya wa kane, ikurikiwe na Musanze FC zinganya amanota.



Abakinnnyi APR FC yabanje mu kibuga



Abakinnnyi Rutsiro FC yabanje mu kibuga



Abakinnnyi ba APR FC bishimira igitego

Imvaho Nshya
# Siporo




NO .E-37 TARIKI 28 UKWAKIRA - 3 UGUSHYINGO 2025 RPC P.O.BOX 3854 KIGALI-RWANDA TEL: +250 785 474 045 E-mail: info@rpc.rw

# Rayon Sports yatsinze Marines mbere yo gucakirana na APR FC




Abakinnnyi ba Rayon Sports bishimira igitego

**SHEMA Ivan**

***Rayon Sports yatsinze Marines FC igitego 1-0 mu mukino w'umunsi wa gatandatu wa Shampiyona, yuzuza umukino wa gatatu wikurikiranya itsinda mbere yo gucakirana na APR FC.***

Uyu mukino wabereye kuri Stade Umuganda, kuri iki Cyumweru, tariki ya 2 Ugushyingo 2025.

Marines FC yari mu rugo yatangiye umukino isatira cyane harimo umupira Pavelh Ndzila yakuyemo, usanga Sultan Bobo awuteye ishoti rijya hejuru y'izamu.

Marine FC yakomeje gusatira cyane izamu rya Rayon Sports ndetse ku munota wa 14 Ishimwe Kevin yinjiranye umupira, ateye ishoti rifata igiti cy'izamu uvamo, usanga Ndombe Vingile wawuteye mu izamu, Musore Prince awukuraho.

Rayon Sports yagaragazaga imbaraga nke yakomeje kugorwa no kwisanga mu mukino dore ko no guhererekanya umupira byari byanze.

Ku munota wa 36, Mbonyumwami Taiba wa Marines yinjiranye umupira ku ruhande rw'ibumoso, awuhinduye mu izamu ukurwaho na Pavelh Ndzila n'ukuguru.

Ku munota wa 45+2, Rayon Sports yongeye kurokoka ku ikosa ryahanwe na Kevin, umunyezamu Ndzila akubita umupira ibipfunsi uvamo.

Igice cya mbere cyarangiye amakipe yombi anganyije 0-0.

Mu igice cya kabiri, Marine FC yakomeje gusatira harimo Sibomana Sultan yafashe umupira utakajwe na Rayon Sports inyuma y'urubuga rwayo rw'amahina, ateye ishoti rikomeye rinyura ku ruhande rw'izamu.

Ku munota wa 65, Maines FC yahushije uburyo bwabazwe ku mupira Usabimana Olivier yahinduye mu rubuga rw'amahina, Nizeyimana Mubaraka n'umunyezamu Ndzila ntibawukina, usanga Ndombe yawuteye ariko Diagne arahagoboka akiza izamu.

Ku munota wa 81, Rayon Sports yafunguye amazamu ku gitego cyatsinzwe na Aziz Bassane ku mupira wahinduwe na Tambwe Gloire awushyira mu rushundura.

Iminota ya nyuma y'umukino Marines yakomeje gushaka igitego cyo kwishyura ariko ubwugarizi bwa Rayon Sports n'umunyezamu bakomeza guhagarara neza.

Umukino warangiye Rayon Sports yatsinze Marines FC igitego 1-0, yuzuza umukino wa gatatu wikurikiranya itsinda muri Shampiyona.

Gikundiro izahura na APR FC ku wa Gatandatu, tariki ya 8 Ugushyingo 2025, yagumye ku mwanya wa kabiri igira amanota 13 naho Marines yagumye ku mwanya wa cyenda n'amanota atandatu mu mikino itanu imaze gukina.

Undi mukino wabaye uyu munsi, Gicumbi FC yanganyije na Etincelles igitego 1-1.




Igitego cya Aziz Bassane cyafashije Rayon Sports gutsinda Marines FC